# Urubanza

Topeka, Kansas, USA

21 Kamena 1964

1 Kubwo gusomwa kw'Ibyanditswe muri uyu mugoroba, mu Gitabo cya Mariko, ibice 16. Kandi ndashaka ko muhagarara hamwe na Bibiliya zanyu mu gihe turimo gusoma Ijambo ry'Imana; Mariko 16, guhera ku murongo wa 9.

> *Nuko amaze kuzuka mu museke ku wa mbere w'iminsi irindwi, abanza kubonekera Mariya Magadalena, uwo yirukanyemo abadayimoni barindwi.*
>
> *Uwo aragenda abibwira ababanaga na we, asanga baganya barira bari mu majune.*
>
> *Na bo bumvise yuko ari muzima abonywe na we, ntibabyemera.*
>
> *Hanyuma y'ibyo Yesu abonekera babiri muri bo afite indi shusho…(mumbabarire gato)*
>
> *Hanyuma y'ibyo Yesu abonekera babiri muri bo afite indi shusho bagenda bajya imusozi.*
>
> *Na bo basubirayo babibwira ba bandi, nyamara ntibabemerera na bo…*
>
> *Ubwa nyuma abonekera abigishwa be cumi n'umwe bicaye bafungura, abagaya ku bwo kutizera kwabo no kunangirwa kw'imitima kwabo, kuko batemereye abamubonye amaze kuzuka.*

2 Ese iyi ntabwo ari ishusho y'uyu munsi? Ntabwo bizera ko uri umuhamya nkuwo.

> *Arababwira ati "Mujye mu bihugu byose, mwigishe abaremwe bose ubutumwa bwiza.*
>
> *Uwizera akabatizwa azakizwa, ariko utizera azacirwaho iteka.*

Uwo ni umurongo w'urugabano, ni uruhande rumwe cyangwa urundi.

> *Kandi ibimenyetso bizagumana n'abizera ngibi: bazirukana abadayimoni mu izina ryanjye, bazavuga indimi nshya,*
>
> *bazafata inzoka, kandi nibanywa ikintu cyica nta cyo kizabatwara na hato, bazarambika ibiganza ku barwayi bakire."*
>
> *Nuko Umwami Yesu amaze kuvugana na bo, ajyanwa mu ijuru yicara iburyo bw'Imana.*
>
> *Abo barasohoka bigisha hose, Umwami Yesu ari kumwe na bo abafasha, akomeresha ijambo rye ibimenyetso byagendanaga na ryo. Amena.*

3 Reka twubike imitwe yacu. Mwami, twizera ko uyu ari umurimo wanyuma w'itorero. Twizera ko Ijambo ryahindutse umubiri maze ritura hagati muri twe. Kandi twizera ko nta waba mwiza kuruta ijambo rye; kubwibyo, twizera ko iri Jambo ari Wowe. Kandi twizera ko ari Wowe, Uri uko Wari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Uze uyu munsi, O Data Mana, mu ishusho y'Ijambo kuri twe, kandi utume abantu babona ko uri Kristo wazutse, kandi... akazuka muri iyi minsi yanyuma mu ishusho wavuze ko Uzaba urimo, mu kugaragazwa kw'Ijambo. Igihe wari hano ku isi, wari Ijambo rihanuwe, rigaragajwe mu ishusho y'umuntu. Kandi Ijambo rihanuwe muri iyi minsi. Ngwino, Mwami Yesu, kandi Utuzanire Ijambo uyu munsi. Utange ubusobanuro bwawe ku Ijambo, kugira tubashe kugira umunezero utavugwa, twuzuye ubwiza. Bitewe n'uko twakubonye ko Unejeje, kandi tugasanga Amagambo Yawe ari ukuri ndetse agahamirizwa mu mitima yacu, ko twavuye mu rupfu tukaza mu Bugingo

Twe abo bose bavukiye munsi y'icyo giti kimwe cyari mu ngobyi ya Edeni, icyo twari twarabujijwe gukoraho, umugore, kubera ko muri we nta buzima burimo; we ni igi gusa. Ubuzima buturuka ku Mugabo, ari we Kristo. Kandi twavutse ku mugore, ndetse, nkuko Bibiliya ibitubwira, "turi ab'iminsi mike, ndetse buzuye agahinda n'ibibazo."

4 Data, twabyawe n'Utanga ubuzima, bivuye ku Mugabo. Ikigabo kijya ku kigore, kandi akaremangingo k'ubuzima gaturuka ku kigabo, nkuko Umwuka Wawe watwikiriye umwari, kandi munda ye aremamo akaremangingo k'Amaraso; akaremangingo k'Amaraso, katari Umuyahudi, katari Umunyamahanga, ahubwo Imana, arema Amaraso. Muri ayo Maraso dufitemo ibyiringiro byacu. Ntabwo biva ku mugore, habe no ku mugabo, biva ku Mana.

Uko niko dusenze uyu munsi, Mwami, nkuko twabonye ko turi abagabana ku giti cy'umugore kandi twese tukaba tugomba gupfa kubera ko nta buzima buri mu mugore, noneho n'ubu, Data, twahawe amahirwe yo kuba abagabana ku Giti Mugabo, aricyo Kristo. Kandi noneho, binyuze muri We dufite Ubuzima, Ubuzima, Ijambo rihawe Ubuzima hagati muri twe. Biduhe, Mwami, kugira ngo ibi bintu bibashe kuba ukuri ku Itorero, kugira ngo Babone, kandi basobanukirwe isaha turi kubamo.

Ukize abarwayi n'ababaye. Reka aha he kuba umuntu ufite intege nke hagati muri twe uyu mugoroba

igihe aya materaniro ari busozwe. Reka duhore tubibuka igihe kirekire hagati mu bantu. Reka abakozi bawe, abapasteri, abashumba, reka bahumekerwe kugeza ubwo amatorero yabo azavugururwa maze imirimo ikomeye ikabaho, maze bagatangira bwa bubyutse bwa kera hano muri uyu murwa hagati muri bo, ubwo buzakubura amaleta n'igihugu, ndetse n'isi yose. Biduhe, Mwami. Ufite urufunguzo rw'iri sengesho mu kiganza Cyawe. Dufashe, turasenze, mu Izina rya Yesu. Amena. Reka twicare.

5 Imana igomba kuzana urubanza ku isi. Kandi Imana igomba kugira ikintu hano, igipimo, cyo kugira ngo izagikoreshe icire isi urubanza, kubera byaba ari akarengane ku Mana gucira isi urubanza, kandi isi idafite igipimo cyo kugenderaho. Ni bangahe bizera ko ibyo ari ukuri? Niba itorero ari igipimo, noneho ubwo ni irihe? Ni Ijambo, Imana yaravuze ngo Izacira isi urubanza ikoresheje Yesu Kristo. We ni Ijambo. "Mbere na mbere yari Ijambo, Ijambo ryari kumwe n'Imana, kandi Ijambo ryari Imana. Ijambo ryambara umubiri maze ritura hagati muri twe," Ari uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka.

6 Noneho, ndashaka kuvugana namwe kuri uyu mugoroba ku ngingo imwe idasanzwe; nkuko ishobora kuba kuri wowe. Ariko muri iyi ngingo ngiye kunyuza Umwami wanjye… mu rubanza. Ntabwo ntekereza ko yaciriwe urubanza rukwiriye imbere y'urukiko rwa Pilato. Ntabwo nizera ko yaciriwe urubanza rukwiriye; kubw'ibyo, bamubonyeho ikosa, maze bamucira urubanza nuko baramubamba. Ariko uyu mugoroba tugiye gukora nkaho turi muri uru rubanza....

Kandi muravuga muti, "Ese twashobora kumucira urubanza?"

Niba Akiri Ijambo, dushobora kumucira urubanza, kubera We ni Ijambo. Kandi dushobora kumucira urubanza. Kandi ndashaka kureba muri uru rukiko muri uyu mugoroba, nkuko dufashe iyi nyubako ikaba ishushanya urukiko, aho dushaka kureba niba yacirwa urubanza rukwiriye, byaba bimutsindiriza cyangwa bimutsinda. Turashaka gufata impande zombi. Kandi noneho muri uru rubanza ndashaka kumunyuza mu rubanza, We Jambo.

7 Noneho, iki Cyanditswe icyo nasomye, Mariko 16, na Dogiteri Scofield hano yaravuze ati, "guhera ku murongo wa 9 ntabwo biboneka mu nyandiko za kera cyane." ni ibintu byizewe mu buryo bwa rusange, aho abigisha bacu bashaka kubyizera muri ubwo buryo, ko byacengejwemo aho na Vaticani.

Ariko nabonye Irene n'abandi banditsi ba kera baragiye bishingikiriza kuri Mariko 16. Kimwe namwe bantu bandi biga amateka, amateka ya Bibiliya, muziko izo ntumwa za kera, ndetse na nyuma y'urupfu rwa Yesu, n'igihe Polycarpe, na Irene, na Mutagatifu Maritini, na Mutagatifu Columba, n'abo bose, bagiye bishingikiriza kuri Mariko 16. Nuko bigomba kuba byari iby'ukuri, naho ubundi ntibajyaga kubyishingikirizaho. Ndetse Yohana yari umwe washyize hamwe inzandiko, na Polycarp yari inshuti by'umwihariko kandi yaramufashaga kubikora, akurikije amateka.

Noneho, tubona ko uyu munsi batizera ibyo. Barimo kugerageza kujya kure y'ukuri k'uko Imana iriho, babisimbuza ibyemezo cyangwa imigenzo. Imana y'ukuri, iki gice gishobora guhamya ko ariko biri, na buri gihamya cyose bashobora kubona.

8 Kimwe n'umwigisha umwe runaka, ukuriye itsinda ryo kubwiriza muri Sudani, umugore wanjye muto hariya yari ahari ubwo yazaga iwanjye, Paris Reedhead. Maze aravuga ati, "Mwene Data Branham, nziko wari Umubaptista."

ndavuga nti, "Yego, mugabo, uko ni ukuri."

Maze aravuga ati, "Ni byiza," ati, "Ndashaka kukubaza ikintu." Aravuga ati, "Igihe nari umusore muto," ati, "Nagize imyitozo. Kandi mama yarantunganije ndetse ategura byose kugira ngo njye ku ishuri. Maze ndatekereza nti, nyakuri, igihe nzagira B.A yanjye, aho niho nzabona Kristo." Aravuga ati, "Iyo, igihe nayihawe, ntawe nigeze mbona. Igihe nagize impamyabumenyi y'ikirenga yanjye, natekereje ko nzamubona. Igihe mbonye LL.D., natekereje ko mubonye." Aravuga ati, "Mwene Data Branham, mfite impamyabumenyi nyinshi, yaba iz'ubuvanganzo n'izubuvanganzo n'iz'icyubahiro, izo zishobora kuzura igikuta cyawe. Ariko iyo Mana ya Bibiliya irihe?" Aravuga ati, "Ese ni abarimu batwigishije nabi?"

Ndavuga nti, "Ese ndinde wo kuvuga ko abarimu bari mu makosa?"

9 Aravuga ati, "Rero, hano hari icyo namenye, ni uko wahindutse Umupantekote."

Ndavuga nti, "Nibyo, ntabwo mvuze ko njye… nizera, ko igihe navutse mu Bwami bw'Imana, nahise mpinduka ako kanya Umupantekote," Ndavuga nti, "kubera ko Pantekote atari ishyirahamwe. Bagerageje kurikora, ariko siryo. Imana izuzuza Abapresbyteriani, Abaluteri cyangwa uwo uri wese. Murabona? Uko niko ari... imyitozo ariko atari ishyirahamwe. Ntabwo wayishyira hamwe. Ni imyitozo."

Maze aravuga ati, "Rero, ndashaka kukubwira icyabaye." Aravuga ati, "Nturutse mu buhinde, muri iyi minsi barimo barohereza abantu hano kugira ngo baze kwiga." Bati, "Mu mashuri yacu, hari umuhungu w'Umuhinde waje hano maze yiga amashuri ye. Maze igihe asubiyeyo..." Ndatekereza ko yagombaga kuba, ndatekereza yari yaraje mu kwiga iby'amashanyarazi cyangwa ikindi. Aravuga ati, "Ariko igihe

twe...”

10 Bafite amashuir nkuko Mwene Data Oral Roberts ayafite harugura aha. Bigisha abo bahanga mu by'imyuga n'ibindi.

Nuko aravuga ati, “Mu gusubira iwabo, njye n'undi mubwiriza, turamubwira tuti, 'Ubu, arimo asubira mu Buhinde...'” Kandi murabizi ko abahinde baramya Muhamedi. Maze aravuga ati, “Kubera iki utareka uwo muhanuzi wawe wapfuye hashize imyaka myinshi maze ukakira Umwami Yesu wazutse, maze ugafata Imana y'ukuri maze ugasubirana na Yo mu Buhinde, ukayibwira ubwoko bwawe?”

Aravuga ati, “Mugabo,” aravuga ati, “Ese ni iki uwo Mwami Yesu wawe yankorera kiruta icyo umuhanuzi wanjye yashobora gukora?”

Maze aravuga ati, “Nibyo, Umwami wanjye Yesu yaguha Ubugingo Buhoraho. Ni isezerano mu Ijambo.”

Aravuga ati, “Umuhanuzi wanjye, Mohamedi, yasezeranye ibyo bintu bimwe mu ijambo rye.”

Maze aravuga ati, “Nibyo, urabona,” ati, “Umwami wanjye Yesu yarazutse ava mu bapfuye. Umuhanuzi wawe ari mu gituro.”

Aravuga ati, “Ese Yarazutse mu bapfuye?” Ati, “Mumaze imyaka ibihumbi bibiri mubihamya, kandi mirongwinani ku ijana by'abari mu isi ntabwo bigeze babyumvaho.” Ati, “Ariko reka Muhamedi azuke mu bapfuye, kandi isi yose yarara ibimenye mu masaha makumyabiri n'ane.”

11 Noneho, aravuga ati, “Rero, reba,” Aravuga ati, “Yesu yarazutse mu bapfuye.” Ati, “nabiguhamiriza kubera ko aba mu mutima wanjye,” niko Umukristo yavuze.

Maze uwo Musilamu aravuga ati, “Noneho, mugabo, nanjye Muhamedi aba mu mutima wanjye.”

Aravuga ati, “Ariko, urabona, dufite imbaraga n'umunezero.”

Aravuga ati, “Mugabo, iyobokamana rya Muhamedi rishobora kurema ibintu by'iyigamitekerereze nkuko Abakristo babikora.” Kandi uko ni ukuri.

Nababyonye baryamye ku mihanda kandi barimo basakuza bati, “Allah” maze bakinjira mu mimerere nk'iyo, bashobora gufata… Billy nanjye twarahahagaze twitegereza umuntu warimo acumita inkota munsi y'umutima we; maze muganga akaza aho nuko agasukaho amazi binyuze kuri yo, maze ikavamo; akayikurura, kandi ntigire icyo imutwara. Murabona fata ibintu bisongoye bakabyinjiza munsi y'inzara z'intoki zabo maze bakabicengezamo, ndetse bagashyiraho ibikwasi aho ku mazuru, kandi ntibabyumve cyangwa hagira n'igitonyanga cy'amaraso. Bashobora gukora ibintu byinshi byiyigamitekerereze kurusha uko Abakristo babikora.

Maze Mr. Reedhead arambwira, aravuga ati, “Narimbizi ko ntarimo kuvugana n'umuhungu uhindutse vuba.”

Maze ndavuga nti, “Twe Abasiramu turategereje...”

12 Nkuko bagize Mwene Data w'intwari Bill Graham, muzabisoma mu binyamakuru, igihe umusiramu yaje kuri Mr. Graham, maze aravuga ati, “Zana abantu barwaye mirongwitatu, nanjye ndafata mirongwitatu barwaye; maze nukiza mirongwitatu, nanjye ndakiza mirongwitatu nkoresheje Muhamedi.” (Murabona?), Mr. Graham ahita ava ku gicaniro. Kuko atashoboraga kumusubiza.

Ntabwo nibwira ko najyaga kuba narabikoze. Nari kuba nk'aba bana b'Abaheburayo, “Imana yacu ishobora kudukiza muri ibi.” Kubera ki atatumyeho, ngo bazane Oral Robarts cyangwa undi muntu? Niba atari yizeye ibyo, yagombaga gutumaho undi ubyizera. Ariko, murabona, bitewe n'amadini, oh, bamujugunye hanze aho. Dufite umurimo wo gukora.

13 Uko biri kose, nyuma aravuga ati, “Igihe twe, aho mu Buhinde, murabibona mwe… mwe Bakristo muzakora icyo Yesu yavuze ko muzakora,” ati, “noneho aho tuzizera.” Aravuga ati, “Aravuga ko Yazutse mu bapfuye, kandi abantu bazabimenya kubera ko muzakora imirimo imwe n'iyo Yakoze.”

“Nibyo,” ati, “Dukora imirimo ikomeye.”

Aravuga ati, “Ntabwo navuze imirimo ikomeye. Ndashaka kubanza kubona imirimo nk'iyo yakoze.” Kuko, muvuga ko… Muraziko mutari kuvugana n'umuntu muto uri ahantu aho ku ikorosi, igihe uri kuvugana n'umwe muri aba, abo na za tewolojiya zabo. Nuko aravuga ati, “Turashaka kubona imirimo Yakoze.”

“Oh” niko yavuze ati, “Ahari urimo kugendera kuri Mariko 16?”

Aravuga ati, “Yego, mugabo.Uwo yari umwe muri bo, umurimo wanyuma Yahaye itorero”

Aravuga ati, “Rero, noneho urabona,” ati, “Abantu benshi bizera kiriya gice mu buryo bwo gukundirira.” Ati, “Ariko twe twize, turi abahanga mu ishuri ko Mariko 16 kuva ku murongo wa 9 ko aho hadahumekewe.”

Aravuga ati, “Kubera iki, Mr. Reedhead,” Ati, “ni ikihe gice gihumekewe noneho?” Aravuga ati, “Ahari n'ibisigaye byose ntabwo bihumekewe. Korowani yose irahumekewe. Mbega ubwoko bw'igitabo musoma, cyitwa Bibiliya?”

Aravuga ati, “Niyemeje mu mutima wanjye ko nza kuvugana nawe. Yego, ngiye kuvugana nawe.”

Ngaho aho muri. Niba ibi bidahumekewe, noneho ubwo bimeze bite ku bisigaye byose?

14 Byanyibukije umugore umwe muri Chicago. Umuhungu we yagiye kwiga seminari kugira yige kuba umubwiriza, amashuri amwe ya Bibiliya, seminari. Kandi igihe yari yaragiye, uwo mukecuru afatwa n'uburwayi bukomeye cyane. Maze batumaho uwo muhungu ko yitegura, mama we yari afite umuriro mwinshi, yari afite umusonga, maze aravuga ati, we... ahari bashora kuba baramuhamagaye ikubagahu. Nuko uwo muhungu afunga imyenda ye maze aritegura. Amaherezo, ku munsi ukurikiyeho ntiyagira ijambo yumva mu ijoro, no ku mu nsi ukurikiye, baravuga bati, “Byose byagenze neza.”

Nuko nk'umwaka nyuma y'aho, ava ku ishuri aho mu burasirazuba, amwe mu mashuri akomeye yigisha. Maze aza mu rugo nuko asuhuza mama we w'igiciro, maze aravuga ati, nyuma yo kuvugana nawe akanya gato, ati, “Mama, ntabwo nagize amahirwe yo kukubaza uko byagenze.” Ati, “Ijoro rimwe bambwiyeko nitegura, maze mu gitondo gikurikiyeho, bati umeze neza.” ati, “Ni miti ki muganga yakoresheje.”

Aravuga ati, “Mukundwa, muganga nta kintu yakoresheje.”

Aravuga ati, “Byiza, ni gute wabikoze?”

Ati, “Urazi ka gasengero gato hari hariya hepfo… abo bari bazi neza, aho hepfo mu ikoni? ”

“Yego.”

Ati, “Hariyo umugore. Bari bafite amateraniro y'amasengesho aho hepfo mu ijoro rimwe muri aka gasengeroo gato, ako gatsinda gato gaciye bugufi k'abantu,” maze aravuga ati, “umwe muri bo yari yahumekewe kuzamuka hano maze akaza kundeba. Nuko abagore babiri baraza, maze bambaza niba bashobora kuzana pasteri wabo hano maze... maze akansengera, nuko akansiga amavuta,” kandi... kandi baravuga ati, “ndetse akakurambikaho ibiganza, nko uribukire.” Maze ndavuga nti, “Urazi, ndababwira nti nibyo. Maze bazana pasteri, nuko andambikaho ibiganza, hanyuma arasenga.” Nuko aravuga ati, “Mukundwa, yasomye aho muri Bibiliya, Mariko igice cya 16, maze aravuga ati, 'Ibi bimenyetso bizagendana n'abizera.'” Maze aravuga ati, “Muzi ibyo ari byo? Igitondo gikurikiyeho, muganga byaramushoboye, ntabwo yari azi icyo gukora. Nta muriro wari ugihari muri njye.”

15 “Oh,” aravuga ati, “mama, ntiwifatanyije n'iryo tsinda, warabikoze?” Ati, “Urabona” aravuga ati, “Twe mu ishuri, batwigishije ko Mariko 16 kuva ku murongo wa 9 bidahumekewe.”

Umubyeyi aramusubiza ati, “Icyubahiro kibe icy'Imana.”

“Kubera iki ” aravuga ati, “mama utangiye kwifata nka bariya bantu.”

Aravuga ati, “Narimo ntekereza ikintu.” Ati, “Nasomye Bibiliya yanjye yose, kandi hari andi masezerano ahandi hantu, asa n'ayo.” maze aravuga ati, “Narimo ntekereza, niba Imana ishobora gukiza indwara Ikoresheje ibidahumekewe, ni iki Yakora noneho hamwe nyakuri n'ihumekewe?” UKo ni ukuri.

Kuri njye byose birahumekewe. Mana, mpa kwizera kugirango mbashe kubyizera kandi Ubihamirize.

16 Noneho, tugiye guhindura ubu mu minota mike, ku kibazo cyo mu rukiko. Noneho, mwibuke, tugiye kwinjira mu rukiko kugira ngo tuzane Yesu, Imana, aha mu rukiko, maze tuyicire urubanza rutabera. Aracyari Ijambo, habe no muri iyi minsi (Ese urabyizera?), Ameze nkuko Yari Ijambo ubwo.

Noneho, uru rubanza, impamvu yarwo , ni amasezerano yo mu Ijambo ry'Imana ahanganye n'isi. Noneho, fata imyumvire myiza cyangwa ntabwo uri bubifate. Impamvu y'uru rubanza ni ugutatira isezerano, Imana ntabwo yarinze Ijambo Ryayo. Ni ugutatira igihango ku isezerano. Muzi icyo biricyo.

17 Noneho, igihe cyose tubona ko umushinjacyaha agomba guhagararira leta. Ndibwira ko ari byo. Umushinjacyaha… Niba hari umunyamategeko wicaye hano, ndibwira ko naba mbivuze uko biri. Umushinjacyaha agomba guhagararira leta. Noneho rero umushinjacyaha muri uru rubanza ni satani , arimo gushinja Ijambo ry'Imana.

Uburanira Ijambo ni Imana Ubwayo, kubera ko Yo ni Ijambo. Umutangabuhamya ushinjura ni Umwuka Wera.

Kandi umushinjacyaha afite abatangabuhamya bamwe hano uyu mugoroba. Kandi aba batangabuhamya, umwe muri bo, ni Umugabo Mutizera, ukurikiyeho ni Mr. Mushidikanyi, kandi ukurikiyeho ni Mr. Mutihangana. Bose bazanywe imbere, maze bararahira, ndetse barabagenzura.

18 Noneho, uri mu mwanya w'urukiko, Imana irimo gushinjwa n'isi, kubera ko, “Itajya isohoza Ijambo Ryayo.” Kandi umushinjacyaha ahagarariye leta, ariwe uhagarariye isi. Kandi umushinjacyaha ni satani, uwo uhakana ko Ijambo ari ukuri.

Kandi umushinjacyaha, kubw'abatangabuhamya, azana abatangabuhamya batatu barwanya Ijambo ry'Imana. Kandi kugira ngo abihamye, agiye kubibahamiriza uyu mugoroba, ko, “Imana itajya isohoza Ijambo Ryayo, kandi ko ntawe ukwiriye kugira icyo akorana naryo. Ntabwo riri ukuri. Nta kintu cyo muri Ryo kiri ukuri.”

Kandi Uriburanira ni Imana, Ariyo Nyiraryo n'Ijambo ry'iki gihe, bimeze nkuko byari bimeze icyo gihe cyangwa ikindi gihe cyose.

Kandi umushinjacyaha afite abatangabuhamya be.

19 Noneho, muravuga muti, “inama y'abanyarukiko irihe?” Ndimo kuvugana nabo. Muri abagize inama y'abanyarukiko, kandi noneho namwe muri abacamanza. Noneho, mubifate mu bitekerezo byanyu; muri byose inama y'abanyarukiko n'abacamanza muri uru rubanza. Ndi umuvugizi.

Noneho, dufite urukiko rwamaze gutegurwa. Noneho, gahunda itangizwa n'umushinjacyaha. Gahunda iratangira muri cyumba cy'urukiko uyu mugoroba kugira ngo bazane urubanza… mu ruhame.

Noneho , abantu benshi babwiwe ko, “Ijambo ry'Imana atari iryo kwizerwa. Ntabwo waryishingikirizaho,” ndetse n'ibindi, kandi mwagiye mwumva ibi byose. Noneho, reka turicire urubanza rutabogamye. Ni bangahe babishaka, muzamure ibiganza byanyu maze muvuge muti, “Ndashaka kumva; ko Yesu Kristo, ari We Jambo, yaciriwe urubanza rutabera”? Kandi mu rukiko rwacu, uyu mugoroba, tugiye kumukorera ubutabera. Noneho reka umwanzi afate amagambo y'umwanzi, n'ibyo afite kuvuga byose, maze turebe niba ari ukuri. Reka tubyinjiremo birambuye maze duhe Yesu Kristo Jambo urubanza rutabogamye muri uyu mugoroba

20 Noneho, urukiko rusabye ko, umutangabuhamya uwo umushinjacyaha ashaka kuzana ahaguruka… amuzana imbere Mr Mutizera. Arahagarara kugira ngo atange ubuhamya. Noneho, wibuke, Mr Mutizera. Ntuze gucikwa ni iyi miterere hano, cyangwa waza gutakaza ikintu; uraza gutakaza gukira kwa Kimana kwawe.

Umugabo Mutizera aza imbere, gutanga ubuhamya. Icyo yaregaga ni iki, ko amasezerano y'Ijambo ry'Imana atari ukuri. Ko atari ukuri. Ahamya ko muri Mariko 16 yamukoreshejweho… kuri we muri izo ngirwa-materaniro y'Umwuka Wera. Kandi yari arwaye igifu mu myaka yashize, maze ajya ahantu aho bari bari, icyo bita ko, “amateraniro y'Umwuka Wera,” kandi yizeraga ko iri sezerano rya Mariko 16 ryari ukuri. Bamurambikaho ibiganza bikurikije Ijambo ry'isezerano.

21 Ntacyo yari afite kuvuga ku mubwiriza; yabisomye aho mu Ijambo. Ntabwo arimo gushinja umubwiriza; arimo gushinja Imana. Kubera ko ntabwo ari ikosa ry'umubwiriza; umubwiriza yasomye gusa icyo Imana yavuze izakora. Kandi nyakuri Imana yarabivuze muri Mariko 16, “Ibi bimenyetso bizagendana n'abizera; nibarambika ibiganza ku barwayi, bazakira.”

Kandi yavuze ko ari umwizera, maze aza aho muri ayo materaniro aho barimo babwiriza Mariko 16 ko ari ukuri. Maze umubwiriza, hamwe n'umubatizo w'Umwuka Wera, uwo wahamyaga ko ari umwizera ndetse umukozi w'Imana woherejwe gukora uwo murimo, amurambikaho ibiganza. Kandi ibyo byabaye mu mezi abiri ashize, none igifu cye kimeze nabi kuruta uko cyaba cyarigeze kimera. Kubw'ibyo, aremeza ko Imana atari Inyakuri kubwo kuba yarashyize ikintu nk'icyo mu Ijambo, mu gihe kitari ukuri.

Noneho, reka amanuke. Yatanze ubuhamya.

22 Noneho ukurikiyeho ni Umugabo Mushidikanyi. Arashaka gutanga ubuhamya. Umugabo Mushidikanyi avuga ko yabujijwe amahoro… n'igituntu, nko mu myaka cumi n'itanu. Ariko byari bitaratinda nabwo, bikomeza kugenda bimwadukaho, bikomeza… bikomeza. Akajya yoroherwa gato, maze bikongera bikagaruka. Maze yumva ahantu mu mugi aho bikekwa ko hari umubwiriza wubaha Imana arimo kubwiriza, kandi abantu barimo bemeza ko bakize indwara bitewe n'isezerano ryavuye mu Ijambo ry'Imana, riboneka muri Yakobo 5:4, aho Ijambo ry'Imana ryavuze riti, “Niba hari umurwayi hagati muri mwe, reka ahamagare abakuru b'itorero; maze bamusengere; isengesho ryo kwizera rizakiza umurwayi, kandi Imana izamuhagurutsa.”

Maze kubwo kuba yararwaye, kandi ari umwizera, ajya muri ayo materaniro aho aba bantu bose bahamya ko barimo bakira indwara binyuze muri uyu mupasteri wubaha Imana. Kandi yabikoze bikurikije Yakobo 5:14. Maze pasteri abikora bikurikije Ijambo, amusiga amavuta maze amusengera isengesho iryo

pasteri yavuze ko ryari isengesho ryo kwizera, ko yizeye... Kandi ibyo bibaye hagiye gushira hafi umwaka, kandi nta kintu na kimwe byigeze bitanga, kubw'ibyo, uwo Mugabo Mushidikanyi ahamya ko Imana atari inyakuri kubwo gushyira isezerano nk'iryo muri Bibiliya maze Ntirishyigikire.

Noneho, mwibuke, ndimo ndasoma amasezerano y'Ubutumwa Bwiza hano.

23 Umutangabuhamya agiye kuza imbere noneho. Umushinjacyaha ahamagara umutangabuhamya ukurikiyeho, mbere y'uko atanga ubusobanuro burambuye n'umwanzuro. Umutangabuhamya we ukurikiyeho ni Umugabo Mutihangana.

Noneho, iyi ni imiterere y'indengakamere iri mu mimerere. Murabona? Noneho, barabikora.

Uko niko Mugabo Mutihangana yaje, maze ahamya ko we umunsi umwe yarimo asoma muri Bibiliya. Ntabwo yigeze ajya mu nsengero, ariko yari… yari umwizera. Nuko umwe muri bo yari umubwirizabutumwa; undi aba pasteri, kandi uyu muntu yari umwizera wo mwibanga uwo wigumiraga murugo. Nuko aragenda maze asoma muri Mariko igice cya 11, umurongo 22 na 23 (Niba murimo kwandika ibyo Byanditswe) aho Yesu Ubwe, ahamya ko ari Imana, Imanuweli, yavuze iyi mvugo n'iminwa Ye Bwite, "Ni ukuri, ni ukuri, Ndababwiye, uwariwe wese uzabwira uyu musozi ati, 'Shinguka aho,' kandi nta shidikanye mu mutima we, ahubwo akizera icyo yavuze kizasohora, ashobora guhabwa icyo yavuze." Kandi Yaranavuze, ati, "Igihe musenze, mwizere ko mwakiriye icyo musabye, kandi muzagihabwa."

24 Avuga ko yaremaye ibirenge hashize imyaka igera kuri makumyabiri n'itanu. Kandi mu myaka itanu ishize, mu gihe yari yicaye mu cyumba, yiyumvishemo ko ashaka gusoma Ijambo iryo ahamya ko yari yizeye, kandi hamwe n'umutima we wose yarabyizeye. Maze hanyuma aravuga, hamwe n'ijwi rye bwite ati, "Bumuga buri mu birenge byanjye, mu Izina rya Yesu Kristo, ndekura," niko yavuze. Kandi ibyo bimaze imyaka makumyabiri n'itanu, none aracyaremaye nkuko yarameze na mbere.

Uko niko noneho, Umugabo Mutihangana ashaka gutanga ubuhamya bwe burwanya ko Ijambo ryaba ari Iridashobora kubeshya, akaba ashaka kubigereka kuri Bibiliya kubwo kuba Ijambo rihumekewe, kandi avuga ko iri sezerano atari ukuri; yabirihamije, kandi ntabwo byari ukuri. Mugabo Mushidikanyi nawe arabihamya, ko atari ukuri. Umugabo Mutizera avuga ko yabihamije, kandi ko bitari ukuri. Aba bahamya bose ko ari batatu batanze Ibyanditswe byo gusoma, Amasezerano yo mu Byanditswe, kandi bavuga ko aya masezerano avuga ibi; mushobora kubisoma muri Bibiliya, kandi ni abahamya y'uko Ryo atari Ukuri.

Kubw'ibyo, Bibiliya igomba kujugunywa kure; kubera ko, niba igice kimwe cyo muri Yo, umurongo umwe wo muri Yo ushobora kutizerwa, nta n'undi wo muri yo nakwizera. Ikwiriye kuba byose ari Ukuri. Umugozi w'umurunga uba ukomeye cyane bihwanye n'ipfundo ryawo ryoroheje. Muzi icyo bivuze.

25 Noneho, umushinjacyaha arazamuka kugira ngo azane ibyo ashinja kandi ajye mu mizi y'icyo kirego. Arashaka kujya mu mizi. Kandi, mwitegereze icyo yavuze. "Imana ntabwo yasobanura ukuntu yashyize isezerano ritumvikana mu Ijambo Ryayo ku bana Bayo bizera kugira ngo igerageze kwizera kwabo, kubera ko ntabwo ari iby'ukuri." Ifite abatangabuhamya hano bo guhamya ko iri Jambo ry'Imana yasezeranyije mu Ijambo Ryayo ko ari Ukuri, Ifite abatangabuhamya bicaye hano, kandi bashobora kwerekana binyuze mu bihamya bya muganga kandi binyuze mu buhamya, ko bari barwaye, bari ibi, kandi ko bari na bibiriya. Kandi ko bemeye ibya Kimana, ibyo bavugagako ari Ibyanditswe bihumekewe, maze barabigerageza, kandi ntabwo ari abanyakuri. Afite abatanga buhamya hano bo kubihamya, ko Amagambo atari ukuri, kubera ko byategushye buri wese muri bo nyuma.

26 Ubu, noneho, mwitegereze indi nshuro. "Kandi Yarananiwe. Imana yananiwe gutuma aba bizera, aba bari bizeye mu Ijambo Ryayo, kubasha kubifata neza neza, bagendaga mu bintu by'akamenyero, neza neza kucyo Yavuze, kandi noneho Imana ntiyigeze na rimwe irambura agatoki ngo igire icyo ikora kuri iryo sezerano Ryayo; imyaka n'imyaka yarahise." Hanyuma iravuga iti, "Byamera bite ku bindi Byanditswe, nko kubatizwa, 'uzizera kandi akabatizwa azakizwa,' none nta muntu n'umwe wakijijwe. Bimeze gute kuri ibyo Byanditswe byasezeranije ko Azagaruka? Nta na kimwe cy'ukuri muri byo. Kubera ko ntabwo ari ukuri, kandi ibyo si ikuri. Ahubwo ni Igitabo cy'inkuru mpimbano. Kandi aba bantu ni abizera. Nyamara, Yo, Imana, Yasezeranije ibintu byose bishobokera abizeye, kandi aba ni abizera."

27 "Nyamara, nanone, Ahamya ko akiri muzima nyuma y'uko Abambwe. Bibiliya ivuga ko, Yazutse mu bapfuye, kandi akaba akiri uko yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Kandi nta muntu n'umwe wabonye uyu muntu ufite inkovu z'imisumari mu biganza Bye, agendagenda mu itorero, n'ibindi. Kandi Abaheburayo 13:8 ntabwo ari uko. Ntabwo Ari uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka, kubera ko We nta kindi yaricyo kirenze umuntu. Ntabwo ashobora gusohoza isezerano Rye. Ashinjwa n'aba batangabuhamya, ntabwo arinda isezerano Rye; kubw'ibyo, iki Gitabo gikwiriye kujurunywa mu kimoteri, bakakibagirwa. Nta kintu nk'icyo kiriho."

28 Noneho, mwibuke, ndimo ndakoresha ijwi ry'umushinjacyaha, arimo ajya mumizi ikirego. "Ikindi, Aravuga muri Luka 17:30, aho yavuze *'Mu minsi ya nyuma Umwana w'umuntu azahishurwa,'* Imana izihishurira Ubwayo Urubyaro rw'Abraham," nkuko yumvise umubwiriza ukundirira abwiriza igihe kimwe

maze aravuga ati Azongera yihishure indi nshuro mu kiremwa muntu, yitwa Umwana w'umuntu.

"Ibyahishuwe 10, Avuga ko Ahamya intumwa ya marayika wanyuma, bikurikije igisekuru cy'itorero muri Lawodokiya, icyo cyagombaga kuba ari akazuyazi, icyo Yesu yaribuze gushyirwa hanze y'itorero (ariwe wari Ijambo). Ahamya ko muri iki gice cy'igihe ko hari ibintu bitahishuriwe abagorozi mu minsi ya kera, ariko mu minsi yanyuma, ko, ku iherezo, marayika wa karindwi, Ubutumwa bw'intumwa ya kandwi, ko ibi Byanditswe byose bizaba ukuri kandi bikagaragazwa. Nta muntu nk'uwo uri ku isi, nta wigeze abaho nta nuzigera abaho," niko yemeza.

29 Ahamya ko muri… ko Imana muri Bibiliya Yayo, ko itorero rizajya mu mihango maze rikajya kure ye, ko muri Malaki 4 Izongera koheraza umuhanuzi, uwo Yamaze kohereza, inshuro ebyiri, Eliya na Yohana Umubatiza. Azohereza umuhanuzi binyuze… kandi azaba ari mu mbaraga za Eliya. Kandi umurimo we, ibikorwa bye, buri kintu, azaba ari Eliya. Maze hanyuma mu murimo we, azaba arimo guhamagara abantu ngo bave muri iyo mimerere yabo y'umuhango, kugira ngo bagaruke ku kwizera kw'umwimerere kw'intumwa aribo ba se. Kandi nta kintu nk'icyo cyigeze kibaho."

"Kandi Anahamya ko byombi ijuru n'isi bizashiraho, ariko Ijambo Rye ritazananirwa na gato." Kandi avuga ko afite igihamya hano, uyu mugoroba, kugira ngo yerekane ko rinanirwa. "Kandi uyu Yesu wazutse mu bapfuye ni nde? Mwese mwakozweho cyane n'ibintu by'iyigamitekerereze byo mu bwonko. Kandi nta kintu nk'icyo kibaho; murimo kwiringira mu bintu bidafite ibyiringiro."

Noneho, ndatekereza ko ibyo byaba bihagije mu byo yashobora kuvuga. Ndatekereza ko yafashe Bibiliya yose. Noneho reka yicare, umushinjacyaha. Noneho, reka n'abatangabuhamya bashinja bicare nabo. Baramanuka bava imbere.

30 Kandi noneho imbere ku ruhimbi, tugiye guhamagara abatangabuhamya bashinjura, Umwuka Wera. Aje kuvuga. Ndibwira ko mwabonye uburyo uyu mushinjacyaha yagiye mizi ikirego cye ku Byanditswe. Noneho, Umutangabuhamya ushinjura, ari we Mwuka Wera, agiye kuza kuburanira Uregwa, Ijambo. Ndatekereza ko batabona undi umurenze.

Uwa mbere, Asaba urukiko ko rumwumva, kuko ari we musobanuzi w'Ijambo ry'Imana, ku bantu, umushinjacyaha, uwo ni wa musobanuzi umwe wasobanuriye Ijambo Eva. Arashaka ko urukiko rusobanukirwa ibyo, ko umusobanuzi ari wa musobanuzi wasobanuriye Eva, uwo wavuze ko buri gace ka Ryo ari ukuri uretse Ijambo rimwe. Kandi Aranashaka ko namwe mumumenya ko... Ariwe Umwe, mwibuke, Wanditse Bibiliya. Aranashaka ko mumenya ko, ko mu itangira iryo jambo rimwe ryakuwe mu Ijambo ry'Imana, ryateye urupfu rwose n'agahinda n'uburwayi. Kandi Arashaka ko mumenya ko Imana yanavuze mu Ijambo Ryayo ku gice cya nyuma, kimwe n'icyambere, ko umuntu uzagira ikintu akuramo Hano, cyangwa akagira icyo yongera kuri Ryo, umugabane uzakurwa ku Gitabo cy'Ubugingo. Bigomba kuba ari Ijambo kandi akaba ari Iryo gusa. Yashakaga urukiko ko rumenya ko ibi bisobanuro biva imuzi; aribwo busobanuro Eva yahawe.

31 Arashaka ko mwe… yongera gusaba urukiko gukurikira, ibi ni, Umutangabuhamya ushinjura, Yashakaga gusaba uru rukiko no kurwereka ko amasezerano ari ay'abizera gusa, atari abigira abizera, abatihangana, cyangwa abashidikanya. Ibyo bihindura ishusho, ese sibyo? Ni ibya... Ntabwo ari abo bantu biyita ubwabo abizera; ni iby'abizera gusa, atari abavuga ko bizera. Satani yavuze ko nawe ari umwizera, murabizi. Ntabwo ari ibyabo. ni iby'abizera b'ukuri gusa.

Kandi uyu Mutangabuhamya ushinjura ashaka kumenya niba aba bantu ari abizera cyangwa ataribo, kubera ko nyuma y'ibyo byose, uwo Mutangabuhamya ushinjura ni we… Ni We uhereza Ijambo ubuzima. Azi niba wizeye cyangwa utizeye. Ni We uwo watanzwe n'Imana kugira ngo Aze kubisohoza. Halleluya. Niwe Uwo ubihamiriza... Ni We Uwo utuma bisohora. Ni We Uwo umenya niba biri mu mwanya ukwiriye cyangwa Atariwo, uyu Mutangabuhamya ushinjura Ijambo. Mwitegereze, Arashaka kongera kugaruka ku bizera, Umutangabuhamya ushinjura arabizi niba aribo cyangwa ataribo. Niwe uhereza ubuzima Ijambo.

32 Kandi indi nshuro Yongera gusaba urukiko ko rwita ku Ijambo ry'isezerano iryo barimo kurega. Ntabwo yigeze ashyiraho igihe ibi bintu bizasohorera.

Murabona uburyo bashobora kuyobya Ijambo kuri mwe? Noneho, uyu muntu wavuze ati, "Reka mbanze ndebe ko bisohora" murabona, ntabwo basoma Ijambo mu buryo bukwiriye. Niba uwo muntu ari umwizera w'ukuri, nawe ntashobora gushyiraho igihe ntarengwa.

Ashaka kandi ko urukiko rwibuka ko iri Jambo ryanditswe, kandi Yesu Kristo, Ijambo rigaragajwe, yaravuze ati,"Ijambo ni Imbuto iyo umubibyi yabibye." kandi imbuto ishobora kororoka ubwayo, ikabyara isezerano ryayo, niba iri mu murima mwiza uwo ushobora gutuma imbuto imera. Amena. Aha bihinduye... ikibazo, ese siko biri kuri twe? Igomba kuba iri mu mwanya ukwiriye.

33 akabuto k'ingano karambitse aha kuri aya meza ntabwo kazigera kabyara umusaruro. Impeke… y'ingano hano, kuri urwo rutare, ntacyo byatanga. Impeke y'ingano igomba kugwa mu butaka ubwo bwafumbiwe kubw'iyo mpeke y'ingano, cyangwa ikareka kumera.

Kandi Imana yavuze ko Ijambo Ryayo ari Imbuto umubibyi yabibye, kandi Rikaba rigomba kugwa mu butaka bwiza. Ubwo butaka ni ukwizera. Ni imbuto, kandi igomba kugwa muri ubu butaka, naho ubundi ntishobora kuzuka. Muyandi magambo, Umwuka Wera, Umutangabuhamya Ushinjura hano, yavuze ko Adashobora kuza muri yo kugeza igihe izagwa mu butaka bwiza. Niwe Uyiha ubuzima.

34 Umutangabuhamya ushinjura ahamagara umutangabuhamya we wambere. Ndatekereza ko niba umushinjacyaha yashobora guhamagara umutangabuhamya hano ku isi, wo kugira ngo ahamye ko Ijambo atari ukuri, ndatekereza ko Umutangabuhamya ushinjura afite nawe uburenganzira bwo guhamagara abatangabuhamya bashobora kwemeza ko Riri ukuri. Kubera ko ikiba ubu kiri hagati y'abizera n'abatizera, hamwe n'Ijambo, nkuko Ijambo rikura.

Umutangabuhamya Ushinjura arashaka kwereka urukiko uyu mugoroba, umuhamya wa mbere, ni Nowa. Nowa avuga ko yabaye mu gisekuru cy'ubushakashatsi cyane. Nowa arashaka gutanga ubuhamya. Kandi avuga ko yabayeho mu minsi igihe abantu bari baragiye kure y'ibitangaza n'ibindi. Maze hanyuma yumva Ijambo ry'Imana rimubwira ko Igiye kurimbura isi ikoresheje amazi, kandi ko amazi azaturuka hejuru. Ko hazagwa imvura, iyo itari yarigeze ibaho mbere. Ariko aravuga ati... Ijambo ry'Imana, We kubwo kuba umuhanuzi, Ijambo ryaje kuri we, maze aragenda abwiriza ko Ijambo ryari rigiye gusohora, kubera Ryari Imana. Kandi arashaka kumenyasha urukiko ko uyu Mugabo Mutizera, Mushidikanyi, na Mutihangana, bamugerageje aho hose. Ariko kubwo kuba umuhanuzi, no kubwo kumenya ko Imana idashobora kubeshya, yikomeza ku Ijambo, (Murabona? Murabona?) ntiyabitaho.

35 Baje kuri we maze baravuga bati, “Noneho, Nowa,” Umugabo Mutizera aravuga ati, “Ni gute ushobora guhamya ukuntu hari imvura hano hejuru?”

“Ntabwo nzi ahantu iri. Ariko niba uko ari ko Imana yavuze, ibyo… ibyo birahagije.”

“Ni gute izagwa mu gihe nta mvura iri hariya hejuru?”

“Ntabwo mbizi, Ariko niko Imana yavuze, kandi ibyo birahagije.”

Umugabo Mushidikanyi yaje aho maze aravuga ati, “Niba hari ikintu kimeze nk'icyo kizamanuka mu ijuru, noneho Bizayisaba kumanuka hano maze ifate imvura nuko iyijyane aho hejuru. Ni gute Izakora ibyo bintu?”

“Ntabwo mbizi.”

“Kandi nyuma yo kubaka inkuge...”

36 Icya mbere yashakaga kuvuga, igihe yavugaga iyi mvugo, kubwo kuba umuhanuzi hagati mu bantu, buri muntu wese yaramusetse, maze aravuga ati, “Nta mvura twabonye.”

Rero, igihe yagiye mu gukora ku nkuge, baravuze bati, “Ahari nyuma y'iyi nkuge...” Umugabo… Umugabo Mutihangana yagerageje kumubwira ati, “Ahari nyuma y'uko inkuge imaze kubakwa, noneho hazaza imvura.” Ariko igihe inkuge yari yuzuye, nabwo nta mvura yaguye.

Ntabwo yigeze igwa ku munsi wakurikiyeho, ntabwo yigeze igwa mu cyumweru cyakurikiyeho, nta mvura yaguye… nta mvura yaguye mu kwezi gukurikiyeho, mu mwaka ukurikiyeho. Kandi nyuma y'uko yujuje inkuge, nabwo ntiyigeze igwa.

37 Maze hanyuma aravuga, umunsi umwe Ijwi ry'Imana rigaruka kuri we nuko riramubwira ngo azabona ikimenyetso cy'indengakamere mu byaremwe, ko inyoni n'inyamaswa zizaba zirimo kwinjira muri iyi. Kandi nyuma Umugabo Mutizera aramuseka maze aravuga ati, “Hahindutse ubuturo bw'inyoni. Wakoze icyari, aho kuba inkuge.” Kandi bose baramuseka ndetse bamuhindura ibitwenge. Ariko, umunsi umwe, Imana ivugana nawe maze iravuga iti, “Injira mu nkuge.” Maze Nowa ahagarara mu muryango nuko aravuga ati, “Murimo kumva guhamagarwa kwanyu kwa nyuma.” Kandi nta muntu waje uretse umuryango we gusa. Nuko avuga ko yagiye mu nkuge. Maze abwira uwo muryango we muto ukundwa… Noneho uyu muhanuzi Nowa ati, “Oh, muyindi saha, nta gushidikanya, haragwa imvura.”

Maze igihe yinjiye, umuryango mu buryo bw'indengakamere ufungirwa inyuma ye. Aravuga ati, “Urabibona noneho, mukundwa,” ku mugore we, ku mukazana we n'abahungu be, “Ni Imana idufungiranye.”

38 “Noneho, dufite idirishya hano hejuru. Azamuka ingazi, vuba vuba. Ibi ntibibacike. Azamuka yiruka, vuba vuba nyakuri, maze ajyamo aho hejuru. Irimo yitegura kugwa, nta gushidikanya.”

Kandi bamwe bantu hanze bamwumvise abwiriza, bati, “Turibaza niba uriya musaza ukundirira niba ashobora kuba ari mu kuri?” Umugabo Mutizera, Umugabo Mushidikanyi, Umugabo Mutihangana, bose bazaho, baravuga bati, “Turakureba.” Bati, “Nowa urimo aho?”

“Yego.”

"Fungura aho, turasha kurebamo"

"Imana niyo yafunze urugi. Ntabwo nshobora kurufungura. Nta gihindizo kirimo hano nshobora gufungura."

Noneho, baravuga bati, "Uriya musaza w'inzaduka, we… yinjiyemo hariya, afunga umuryango, kandi ari kugerageza gutuma dutekereza… Ni imitwe arimo kudutekaho. Arimo kugerageza kudutera ubwoba."

39 Kandi aho hari abatangabuhamya b''umushinjacyaha, bicaye aho, arimo kumva ibi byose, kubera ko bafite icyaha cyo kuba bakoze ibyo. Bibiliya niko yavuze, "Abakobanyi!"

"Kandi barankobye, bampindura ibikino. Kandi yewe, ubwanjye, narintegereje imvura. Umunsi wose nta mvura yigeze igwa. Umunsi ukurikiyeho nta mvura yaguye. Iminsi ine, nta mvura, iminsi itanu, nta mvura, iminsi itandatu, nta mvura. Ariko Imana ntabwo yigeze imbwira igihe izagwira; Yarambwiye gusa iti, 'Igiye kugwa.' Ntabwo yigeze ishyiraho igihe ntarengwa. Yaravuze gusa, 'Igiye kugwa.'"

40 Ntabwo yigeze na rimwe avuga ati, "Ako kanya ukimara kurambika ibiganza ku murwayi, azahita asimbuka ahaguruke maze agendagende aha hose." Kimwe n'uburyo Mushidikanyi ashaka ko mubitekerezamo. Yaravuze iti, "Bazakira." Ntabwo yavuze igihe, n'uburyo. "Bazakiramo."

Yaravuze ati, " Isengesho ryo kwizera rizakiza umurwayi," muri Yakobo 5:14, "Imana izamuhagurutsa." Gihe ki? Ntabyo Yavuze. Yavuze gusa ko Azahaguruka.

Mariko 16, Yaravuze iti, "Nubwira uyu musozi, 'Shinguka aha,' ntushidikanye mu mutima wawe, ariko ukizera mu mutima wawe ko icyo wavuze kizasohora." Ntabwo yigeze ivuga ngo gihe ki. Yavuze ko bizaba. Halleluya.

Murabona uko gusobanura nabi Ijambo aho? Ibi biravuga biti, "Rero, reka mbone utuma uyu muntu; umaze iminsi mu kagare. Reka mbirebe. Yavuze ko afite kwizera." Iyo ni satani, murabona, uwo ari we?

Yesu ntabwo yigeze avuga ngo bazasimbuka aho maze bahite babibona ubwo. Abapantekote benshi batekereje ikintu nk'icyo, ariko Bibiriya ntiyigeze ivuga ibyo. Aravuga ati, "Niba babyizeye, bazagubwa neza." Kandi Yari afite umutangabuhamya hano kugira ngo abihamye.

Nowa aravuga ati, "Nyuma y'imyaka ijana na makumyabiri, noneho iragwa." Ariko ntabwo yari yaraguye. Nowa yari aziko agiye kuzayibona mu gisekuru cye, kubera ko yubatse inkuge, yari yitegeuye kwinjira.

Noneho, ubu tubona ko ibyo byari ukuri. Noneho, uyu yari Nowa, umutangabuhamya wa mbere.

41 Noneho, umutangabuhamya wa kabiri arahamagarwa. Reka duhamagare Abraham. Aravuga ati, "Nari umuhanuzi, maze mpanura munsi yo gusigwa n'Imana. Maze Imbwira ko umugore wanjye, kubwo kuba afite imyaka mirongwitandatu n'itanu, naho njye mirongwirindwi n'itanu, muri icyo gisekuru, muri icyo gihe, ko nari ngiye kugira umwana kuri Sara. Nyamara, mu kuri, yari... Nari ingumba; we yari... inda ibyara ye yari yaramaze gupfa. Yari amaze imyaka makumyabiri cyangwa irenga acuzimbyaro. Nari narabanye nawe iyi myaka yose, kandi aho nta kimenyetso cy'abana cyari gihari. Yari... Inda ibyara ye yari yarapfuye. Kandi, ariko Imana irambwira ngo ngiye kugira umwana binyuze kuri we."

"Kandi murabizi, Umugabo Mutizera, Mushidinyi, Mutihangana, nyuma y'iminsi makumyabiri n'umunani ya mbere, igihe nta na kimwe cyabaye kuri Sara, baransetse maze bampindura ibikino. Umwaka wa mbere, baje kundeba maze baravuga bati, 'Ese ni abana bangahe ufite ubu?'"

42 Ariko, nyuma y'imyaka makumyabiri n'itanu, umwana araboneka. Biraba. Imana ntabwo yigeze ivuga iti, "Ugiye kuzabyara umwana mu cyumweru gitaha kuri Sara." Ntabwo yigeze yerekana igihe. Yavuze ko gusa azagira umwana kuri Sara. Ntabwo yigeze ivuga ryari. Yavuze gusa ko izabikora.

Uko niko Abraham yavuze ati, "Kandi sinigeze ntebateba ku isezerano, binyuze mu kutizera. Ariko kwarimo kuzenguruka aho, ndakomera icyo gihe cyose. Kandi ndimo kubona ko ntangiye kugira intege nke mu mubiri, aribyo byari nk'intambamyi kukuba umwana yaboneka, aho kugira ngo ncike intege mu kwizera, ahubwo narushagaho gukoremera, kubera ko narinziko Imana yari ishobora kurinda Ijambo Ryayo."

"Uko niko umunsi umwe nari nicaye, ndimo mvugana na Sara, maze Marayika w'Umwami araza, abagabo batatu, babiri muri bo bajya i Sodomu; Umwe agumana nanjye kandi avugana nanjye, maze ambwira ibyari bigiye kuba. Kandi nari nshaje ndetse intugu zanjye zarahetamye, ndetse Sara byari bigoye kuba yagera aho. Nuko, murazi, kuri uwo munsi ukurikiyeho, ntangira kubona iryo pfupfu ritangira kumvaho. Kandi imisatsi yanjye itangira kuba umukara, ndetse amatama ya Sara atangira kuba umutuku."

43 Noneho, muravuga muti, "Ni ibintu bikomeye, Mwene Data Branham." Tegereza umunota umwe, urebe niba yarabikoze. Mwitegereze, basubiye kuba umugabo muto n'umugore muto. Noneho, muravuga muti,

“Oh, Mwene Data Branham…” Noneho, Imana ihisha ubutumwa Bwayo hagati mu mirongo. Abo muri seminari ntabwo bazigera babimenya. Uko niko biri. Oya, oya. ni inkuru y'urukundo.

Umugore wanjye uri hariya, yanyandikiye ibarwa. Maze yandikamo ikintu kimwe muri iyo baruwa, ariko nshobora gusoma hagati mu mirongo. Nkamenya icyo arimo kuvuga, kubera ko mukunda; nzi uko ateye. Nzi icyo ashaka kuvuga ati, “Nicaye hano uyu mugoroba, Billy. Abana bari mu buriri. Ndimo kugutekereza.” Oh, Njye... Mba nzi icyo ashaka kuvuga (Murabona, murabona?), kubera ko mukunda.

Kandi niba muri mu rukundo hamwe n'Imana, kandi Umwuka w'Imana ari muri mwe, Umwuka Wera Ubwe akaba ari Umusobanuzi w'iri Jambo.

44 Mwitegereze, bari bamaze gusaza mu myaka ubu, Bibiliya niko ivuga. Vuba vuba noneho, tuza kugera ku iherezo. Hanyuma aravuga ati, “Nasubiye kuba umuhungu muto. Sara asubira kuba umugore muto.”

Muravuga muti, “Oh, Mwene Data Branham...”

Mwumve noneho mu rwego rwo kubona uwo mwana… Inda ibyara ye yari yaramaze gupfa; ubuzima bwarimo gupfa. Noneho, kubigeraho… Yagomba kumuha indi nda ibyara. Ese yagombaga kubikora? Kandi noneho ntabwo bari bafite aya macupa bacomeka abana mu kanwa, kugira ngo ba nyina babe biruka aho hose. Muri iyi minsi, yagombaga kuba ari umubyeyi utose. Mu rwego rwo kugira ngo akore ibyo, inzira z'amashereka zari zarumye, bityo Yagomba kumuremera imitsi y'amashereka mishya n'ibindi, kugira ngo agaburire umwana. Kandi ikindi kintu, umugore w'imyaka ijana; kugira ngo ajye ku bise? Byagombaga ko Imuha umutima mushya. Murabona? Noneho ntabwo yamuhaye imiti yo kumufasha. Yamweretse icyo Yari kuzakorera Urubyaro rwa Abraham rwose, bazahindurwa bashya, bahabwe imibiri mishya kugira ngo babashe kwakira Umwana Uwo dutegereje. Ndacyizera isezerano.

45 Muravuga muti, “Birakomeye.”

Nta kibazo, mutegereze umunota umwe. Mwitegereze, bafashe urugendo, ibirometero maganatatu uvuye aho bari bari, aho hepfo mu gihugu cy'Abafilisitiya, kugera i Gerari. Kandi aho hepfo hari umusore muto witwa Abimereki; yari umwami; kandi yarimo ashaka umukunzi, kandi abo bakobwa bose b'Abafilistiya beza. Hano haza nyogokuru muto, Sara, noneho, yifubitse agashari, na Abraham. Kandi uwo... Abraham aravuga ati, “Mukundwa, ndagirango umfashe ikintu.” Ati, “Uri mwiza cyane umuntu akurebye, igihe umwami azakubona, azakujyana ngo ube umugore.” Kandi igihe abantu babonye Sara, yari mwiza cyane... Nyogokuru? Yari mwiza cyane kugeza aho Abimeleki yamufashe ngo amubere umugore.

Kandi noneho Ibonekera Abimereki mu nzozi maze iramubwira iti, “Umugabo wawe ni umuhanuzi. Numukoraho, uraba umeze nk'umuntu upfuye.” Uko ni ukuri?

Yarimo Imwereka aho icyo Izakorera urubyaro rw'Abraham rwose. Ati, “Ntabwo yigeze Ivuga igihe Izabikorera, ariko Yavuze ko Izabikora.” Ibyo niko biri, nshuti, none reka ibyo bikomeze imbere. Izabikora uko biri kose. Yarabisezeranye.

Kandi, nyuma y'imyaka makumyabiri n'itanu, Sara yari afite umwana, kuva ku gihe cy'isezerano. Ijambo ntabwo ryigeze rivuga igihe izabikorera, ariko ryavuze ko azamugira.

46 Reka twihute hamwe n'aba batangabuhamya ubu. Umuhamya wa gatatu, Mose, avuga ko Imana yamuhaye ikimenyetso cyo kumuhamiriza ko iryo ryari Ijambo ry'icyo gisekuru. Afata Ijambo, hamwe n'ikimenyetso n'Ijwi, maze aramanuka ajya imbere ya pasteri Farawo. Maze pasteri Farawo aravuga ati, “Haha, utwo n'utuyeri duto tw'abakonikoni. Mfite abantu hano bashobora gukora ibyo bintu bimwe.” Maze barabikora; abigana.

Aravuga ati, “Iyo ntaba umuhanuzi maze ngo menye ko iryo ryari Ijambo ry'isezerano, najyaga kuvuga nti, nta kintu kirimo, kubera ko aba bigana barimo gukora ibintu nk'ibyo ndimo nkora.”Ariko yari aziko byavuye ku Mana, nuko ahagarara adafite ubwoba.

Imana yavuze ko izabohora ubwoko kandi bazajya ku musozi. Yibwiraga ko ahari bazagaruka inyuma muri iyo minsi. Ariko, hari nyuma y'imyaka, ariko baragaruka. Bajya mu misozi. Imana isohoza Ijambo Ryayo. Ibajyana mu gihugu cy'isezerano, nkuko Yavuze. Yari yarizeye Ijambo ry'Imana.

47 Noneho, vuba vuba ngiye kugera kuwundi mutangabuhamya; umuhamya wa kane ni Yosuwa. Aravuga ati, “Igihe Imana yaduhaye isezerano, kugira ngo twambuke ku...” Hari nko mu birometero 64 birenga. “Kandi igihe twageze i Kadesh-barnea, Mose yohereza abatangabuhamya kujya kureba niba dushobora kugifata cyangwa bidashoboka. Kandi, oh, Abamaleki, n'ibyo bihanda, n'ibyo bikuta birebire,” baravuga bati, “Ntitwashobora kuhafata na gato uburyo hagaragara.”

Ariko umuntu umwe ajyayo maze agarukana n'ibihamya uburyo icyo gihugu ari cyiza. Nuko aravuga ati, “Abasigaye bo mu moko yandi, baravuga bati, 'Oh, ntidushobora kuhafata.'” Aravuga ati, “Narahagurutse maze ncecekesha abantu, nuko mbanyesha ko atari ubunini bw'icyo kintu aho hakurya;

ahubwo ari isezerano ry'Imana, kandi Imana yashoboraga kubikora.” Aravuga ati, “Nyuma y'uko amaze gucecekesha abantu, ntabwo Yahise itujyanayo ku munsi ukurikiyeho, mu cyumweru gikurikiyeho. Imyaka mirongwine nyuma y'aho Irahatugabiza. Ariko Ntiyigeze ivuga ngo ni gihe ki igiye Kuzahatugabiza; Yaravuze ngo Izahatugabiza, uko niko twagiyeyo.”

48 Nakwifuza kuzana Yesaya ngo aze umunota umwe. Mwitegereze Yesaya. Yaravuze ati, “Nahamirijwe ko ndi umuhanuzi hagati mu bwoko. Buri muntu yaranyizeraga. Kuva ku mwami Uzziya, kumanuka, baranyizeraga. Nari umuhanuzi uhamirijwe. Icyo navugaga, Imana yaragisohozaga. Yo... Yatumye amagambo yanjye asohora, kubera ko nayavuze mu Izina Ryayo; Yehova.” Aravuga ati, “Umunsi umwe, Yehova avugana nanjye maze aravuga ati, 'umunsi umwe, Yehova yavuze nanjye maze aravuga ati, ”Ngiye kubaha ikimenyetso; umwari azasama inda.“ Maze ndabikora, mbivuga neza neza nkuko Yehova yabivuze.'”

Aravuga ati, “Kandi ndashaka ko mumenya ko, uru rukiko, ko buri mukobwa w'Umuheburayo” yishakiye utwenda tw'ubwoya na buri kintu giteguwe neza kugira ngo abone uwo mwana. Umwari yari agiye gusama. Maze hashira amezi, nta kintu kibaye. Ibyumweru, nta kintu cyabaye. Nko mu myaka maganinani nyuma, biraba, ariko umwari yarasamye maze abyara umwana.“ Yehova ntiyigeze amubwira niba bizaba ejo, niba ari abari bo mu gihe cyawe. Yaravuze gusa ati, ”Umwari azasama inda,“ Kandi byo byari bihagije. Ntabwo yigeze avuga ngo ni gihe ki. Yavuze gusa ko umwari azasama

49 Noneho, niba binejeje urukiko, nshobora kuba umutangabuhamya Waryo ukurikiyeho? Ndifuza kumutangira ubuhamya. Isezerano ry'Ijambo ry'iyi minsi, icyo nicyo ndimo guhamya.

Aho mu ivuka, nk'umuhungu muto w'i Kentucky, murabibona aho ku makarita yo gusengerwa na buri kintu, uwo Mucyo wari uhagaze aho. Nabwiye mama wanjye, na papa wanjye, aho hose mu bisekuru. Ndizera ko ibi bitumvikana nkaho ari ibyo kugiti cyanjye, ariko mpagaze hano nk'umutangabuhamya imbere Ye. Uyu ni We, mu ishusho y'Ijambo. Ntabwo nari nzi icyo bisobanuye; nta nundi wari ubizi. Nsubiye muri iyo misozi, umuntu ukiri muto... Nta nubwo twari dufite amadirishya y'ibirahuri nkuko mwe myafite ubu; twari dufite urugi ruto twasunikaga nirwo rwari idirishya. Kandi icyo gitondo Umucyo urinjira.

Nashoboraga kubwira abantu, nkabwira mama. Ibintu mubwiye, bigasohora muri ubwo buryo. Ntabwo babyizeye. Baravuga bati, “Ntabwo ari ko biri.” Ariko nko mumyaka mirogwitatu nyuma, Imana yarabihamirije hamwe n'ibihamya mu buryo bw'ubushakashatsi, uko niko byari biri. Byari uko, kubera ko byari isezerano.

50 Aho ku giti, ku myaka irindwi, aho Ijwi ryavuganye nanjye maze riravuga riti, “Ntukanywe itabi, ntukumve uko rimera, cyangwa unywe inzoga, cyangwa wanduze umubiri wawe.”

Kandi njye mu rugo rw'umucuruzi w'inzoga, ntabwo nari nazi icyo Bibiliya iricyo, habe n'ijambo rimwe. Dushobora kuba twari dufite icyo gitabo kibamo iminsi mikuru n'ibihe [almanac], ariko nta Bibiliya yabaga mu nzu yacu. Nta kindi uretse ikirundo… Ntabwo ari ukuvuga nabi abantu banjye, ariko Imana byose irabizi. Nta buryo na bumwe bwari buhari habe na gato; abantu banjye mbere yanjye, usubiye inyuma bari abagaturika. Bose bashakaniraga hanze y'urusengero maze bakigendera, kandi nta yobokamana bagiraga na gato. Nta nubwo twabyitagaho na gato.

Ariko Yo… Imbwira ibyari bigiye kuba, ibyo kwari ukutanywa itabi, cyangwa kunywa inzoga, cyangwa kwanduza umubiri wawe mu buryo ubwo aribwo bwose; hari umurimo kuri njye wo gukora igihe nzaba maze gukura. Rero, hari nyuma y'imyaka n'imyaka nyuma y'ibyo. Ni gute nari kumyenya ko nzaba umubwiriza? Nangaga ibitekerezo by'ababwiriza, ariko byarasohoye uko biri kose. Ibyo byerekana ko Irinda Ijambo Ryayo. Ku myaka cumi n'irindwi nyuma Arambonekera aho mu gihuru...

Tubona ko, umunsi ukurikiye ibyo, yanyeretse ikiraro cyambukaga umugezi, cyambuka, inyereka abantu cumi n'abatandatu bakigwaho. Mbibwira mama. Nari negamiye igiti, ndakireba. Aravuga ati, “Jya kuryama, mukundwa.”

Ndavuga nti, “Oya, mama. Nabibonye.”

Neza neza ku myaka cumi n'irindwi nyuma y'uwo munsi, Ikiraro cy'akarere ka Jeffersonville cyambuka aho Kentucky, maze cumi na barindwi… Maze abantu cumi na barindwi bahatakariza ubuzima kuri cyo, neza neza nkuko ryavuze. Ah, uko niko yakoze Umugabo Mutizera yarangerageze inzira yose.

51 Reka nsabe uyu mushinjacyaha w'impumyi kunyumva neza, kubwo kuba Yesu ari hano hamwe n'inkovu z'imisumari mu biganza Bye. Ntabwo Yigeze avuga ikintu nk'icyo. Yaravuze ngo, igihe Azagaruka avuye mu ijuru, ko amavi yose azamupfukamira, kandi buri jisho rizamubona, kandi buri rurimi ruzamwatura. Yasezeranye gusa kugaruka mu mbaraga z'Umwuka maze agahamiriza Ijambo Rye rya Mariko, n'icyo Azakora. Ntabwo akora... Ntabwo babisobanukirwa.

52 Noneho, tugendeye kuri izi mpaka, uyu mugoroba, na twe turi bazima… ibyo, ngiye kugerageza gusimbuka, murambona mpindura impapuro z'aya mapaji z'ikibwiriza n'ibindi, nagomba kubizana, ariko

ndatekereza ko turi hafi kubisobanukirwa.

Noneho, nabwo ntabwo bazabyizera. Yesu yarasezeranye ko nkuko byari bimeze mu minsi ya Nowa, kandi nkuko byari bimeze mu minsi ya Loti, niko bizaba bimeze mu minsi ya nyuma. Turabifite. Biri hano. Byarahamirijwe, noneho ni Ibyanditswe bingana iki… Mu gisekuru cya Sodomu, ni iki cyabaye kuri Abraham bizongera kugaruka indi nshuro ku Mbuto ya cyami ya Abraham, ariyo iri muri Kristo; Kristo ugaruka mu ishusho y'Ijambo, agenda mu kiremwa muntu, maze akerakana ibimenyetso ibyo Yasezeranye ko bizaba ikimenyetso— Azabikora. Yasezeranye ko azabikora. Imana yarabisezeranye. Kandi Imana izarinda isezerano Ryayo.

53 Kandi noneho, mu myaka mike ishize, nababwiye ko Yavuganye na njye maze Aravuga ati, "Hazaba inzego eshatu z'uyu murimo. Kandi umwe muri yo uzaba ari uwo gufata abantu ikiganza, maze ukamenya icyo ibibazo byabo aricyo." Ni bangahe bibuka ibyo? Ni ukuri. Ese ntabwo nabibabwiye nti, "Nindamuka mbaye umunyakuri," ko Yambwiye ko, "Hazagera ubwo nzabasha no kumenya amabanga ari mu mitima yabo"? Ese ibi sinabibwiiye? Ni bangahe bibuka ibyo? Ese byarasohoye? Ntabwo byahise biba ku munsi ukurikiyeho; byafashe imyaka nyuma, ariko byarabaye.

Maze avuga aho hepfo ku mugezi, Aravuga ati, "Nkuko Yohana Umubatiza yoherejwe guhamiriza kuza kwa Kristo, ku iherezo ry'umurimo we, Yesu araza. Kandi nkuko Yohana yoherejwe, uko niko umurimo wawe uzabanziriza kuza kwa kabiri kwa Kristo." Kandi aho hazaba ububyutse bw'isi yose hagati mu bwoko bw'Imana, aho hose mu isi mu myaka cumi n'itanu ishize; nibwo bubyutse bwamaze igihe kirekire. Umunyamateka wese aziko nta bubyutse burarenza imyaka itatu. Kandi ubu bumaze imyaka cumi n'itanu. Noneho murebe itorero uyu munsi, ryarakonje. Dutegereje kuza kwe. We arimo Arihamiriza Ubwe, Yiyerekana.

54 Noneho, ibi bintu byose byarasohoye. Yarabisezeranyemo aho, ibyo, "Uzamenya amabanga y'umutima."

Noneho, urwego rwa gatatu rumaze gutangira muri uyu murimo ubu. Ntabwo nzagira umwanya munini wo kujya muri byo, kubera ko ntekereza ko ntabikwiriye. Ariko benshi muri mwe hano murabizi (Murabona?) kuri ibyo birimo kuba.

55 Noneho, igihe nabibabwiye, igihe nazaga muri Kansas city bwa mbere hepfo hano, no hepfo muri Arkansas, ko ibi bintu byagombaga kubaho, kandi hano birahari. Turi ubuhamya buzima bw'ibyabaye. [Umwanya utariho ikintu kuri kasete—Ed.]… Imana yaravuze ngo bizasohora. Ntabwo Yavuze ngo bizahita biba ubwo. Yavuze ko hari igihe bizasohora.

Mariko 16 aravuga ati, "Ibi bimenyetso bizagendana n'abizera." Niba ntari umwizera, noneho ni kuki iri Jambo ririmo guhamirizwa ko ari Ukuri?

Niba mutari abizera, noneho ni ukubera iki Imana yabahaye Umwuka Wera? Mushobora kugira ubwoko bwose bw'ibigaragara; ushobora kwiruka, ukavuga mu ndimi, kandi ugakora ibintu nk'ibyo abantu bakora igihe bafite Umwuka Wera; ariko niba ibyo atari ikintu cy'umwimerere mu mutima wawe, ntabwo bizigera bizana iri Jambo ku buzima. Ariko niba ari ikintu cy'umwimerere aho, "Ijuru n'isi bizashira, ariko iryo Jambo ntabwo ryashira."

56 "Ibi bimenyetso bizagendana n'abizeye; nibarambika ibiganza ku barwayi, bazakira." Kandi muzabona abandi bakira. Ntabwo yavuze ngo bazahita bakira noneho. Yaravuze ati, "Bazakira niba babyizeye."

Ni bangahe bumva ko ibyo ari Ukuri? Ni bangahe bizera ko Ijambo ry'Imana rikiri ukuri? Barisobanuriye nabi abantu. Ese ibyo ntimubyizeye? Ryasobanuwe nabi.

57 Noneho, tudasubiye inyuma mu minsi ya Luteri, tudasubiye inyuma mu minsi ya Pawulo, ntusubire inyuma mu minsi ya Nowa n'aba bahamya bandi, atari mu myaka cumi n'itanu ishize igihe nababwiraga ibi bintu ko bizabaho; ahubwo uyu munsi muri Topeka, Kansas, uyu munsi, iyi saha, uyu munota, reka duhamagare Ijambo ry'Imana rigaragare. Yasezeranije ko ibi bigomba gusohora muri iyi minsi yanyuma.

Noneho, ese murizeye ko Irinda Ijambo Ryayo? Igomba kurinda Ijambo Ryayo, kugira ngo Ibe ari Imana. Igomba kubikora. Igomba kurinda Ijambo Ryayo.

58 Noneho, ese yarabisezeranije, "Nkuko byari mu minsi y'i Sodomu, niko bizaba ari ikintu kimwe mu kuza k'Umwana w'Umuntu," ko Azaba… azaba ahishurwa mu minsi yanyuma nkuko Yabikoze kuri Abraham n'Urubyaro rwe i Sodomu? Ese Yasezeranye ibyo? Luka igice cya 17, umurongo wa 30, ushobora kuhasoma. Noneho, Yarabisezeranye. Yavuze ko bizabaho. Yesu yaravuze mu Byanditswe byose ko bigomba gusohora, ibyo Yasezeraranye byose.

Ese Yasezeranije Maraki, Icyo Azakora mu minsi yanyuma? Kandi ako kanya nyuma y'ibi hazaza umuriro maze utwike aba batizera, kandi abakiranutsi bazagenda ku ivu ry'abatizera. Uko ni ukuri. Uko ni ukuri. Rero, turi hano ku muryango.

59 Noneho, mbere y'uko umwuzure ukomeye uza, ni iki Yasezeranije? Mbere yo kuza kwa Nowa… kwa Nowa… cyangwa Mose aza gusohora abana b'Isiraheri, ni iki cyabaye? Mbere yo kuza kwa Yesu, NI iki cyabaye?

Yohana, ntabwo twigeze tumuzana mu batangabuhamya. Twari tumufite hano hasi, ariko ntabwo yigeze atanga ubuhamya, uburyo yahamagawe ngo asohoke aho muri izo tewolojiya zose z'icyo gihe kugira ngo ajye mu butayu, kubera ko yagomba kwigaragaza. Yagombaga kugaragaza Mesiya.

Nibyo, iyo hagira umanuka akajya ku ishuri kuri se. Akavuga ati, "Noneho, ndi inshuti ikomeye ya papa wawe. Oh, twari abantu babasaza. Naramukundaga. Kandi nziko… Noneho, ese ntabwo ari Mwene Data Jones waba ari Mesiya? Noneho, urazi, Yohana, ni we."

Murabona, yaritandukanije ubwe. Aho ku myaka icyenda ajya mu butayu, kubera ko yikundiraga ubutayu. Umwuka wa Eliya wari kuri we. Kandi Umwuka wa Eliya; ntabwo wari Eliya, ntabwo yari umuntu; wari Umwuka w'Imana hamwe n'Ijambo muri iyo minsi. Maze ajya mu butayu. Hanyuma igihe asohotse, we... yagombaga kugaragaza Kristo, atari umuntu mwiza, ahubwo, "Kuri Uwo uzabona Umwuka amanukira." Atari umuntu uzaba afite umwarimu mwiza, atari umuntu waba yari uw'igiciro kurusha abandi muri icyo gihugu muri iyo minsi, ariko, "Kuri Uwo Umwuka Wera Ubwe ahamirije nk'Ijambo." Iryo Jambo Ubwaryo rimugaragaza nk'Ijambo.

60 Noneho, Yarasezeranye ko mu minsi yanyuma Yesu azakora, Aza Ari uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Ese murabyizeye?

Noneho reka twubike imitwe yacu akanya gato. Mugire kwizera. Ntimushidikanye. Mwizere.

[Havugwa indimi barazisobanura. Umwanya uriho ubusa kuri kasete—Ed.] Urakoze Mwami.

Nta kibazo. Ari uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Ese murabyizeye?

61 Noneho, ni iki yasezeranije ko… kizamuhamiriza Ubwe? Mu muntu, Umubiri w'umuntu nkuko Yabikoze kuri Abraham, "Igihe Umwana w'Umuntu..." Agomba kuzaba ari Umwana w'Umuntu, atari… atari… atari Umwana w'Imana; Umwana w'Imana mu Mwana w'umuntu. Muri Ezekieli igice cya 1, umurongo wa 2, Yehova yise Ezekiyeli umwana w'umuntu, neza neza icyo Yesu yamwise Ubwe. Urabisobanukirwa binyuze mu kwigisha kw'icyumweru. Noneho, murabona, umwana w'umuntu ni iki? Umuhanuzi. Maraki 4 yari iki? Agomba kuba umuhanuzi. Ibi ni ibiki byagombaga kuba mu minsi yanyuma? Noneho, ntabwo Yigeze avuga ngo ni gihe ki. Yavuze ko bizaba; biraba. Noneho, mwe, niba Akiri wa Mwana w'Imana, Umwana w'umuntu, yiteguye guhishuka mu minsi yanyuma ku ntebe ya Dawidi, nk'Umwana wa Dawidi. Mwitegereze, noneho niba We... Niba ibyo ari ukuri, Yarabisezeranye, Afite inshinganokuri iryo Jambo. Ahatiwe kuri ryo Jambo

62 Noneho, ukoze ku misozo y'ikanzu Ye hamwe no kwizera kwawe. Kandi nahamije ibi bintu. Niba ari iby'Imana, bizasohora; niba atari iby'Imana, ntabwo bizasohora. Kandi nibyo byonyine niyo by'ukuri; murebe niba ari ibi, turi hagati mu bizera, bamwe nkuko ndi umwizera. Mugomba kwizera ibi ko ari Ukuri. Niba mubyizeye, bizasohora. Noneho, musenge, buri wese muri mwe, yizere mu buryo bwawe.

Reka dutangirire ku ruhande rumwe, reka dutinde ku ruhande rumwe. Kandi gusa… Ndashaka runo ruhande hano ahegera igikuta, ahantu runaka, urizeye. Gira kwizera. Ntushidikanye. Wizere gusa, uvuge uti, "Mwami..."

Ntundebe noneho. Murabona? Mushobora kundeba, ariko, murebe, reka kwizera kwanyu kurenge ibyo. Mushobora kundeba mukoresheje amaso y'umubiri, ariko mu murebe mukoresheje ayo maso yo kwizera, ko We ari rya Jambo. Kandi… Kandi ko Yahinduye ishusho Ye (Murabona?) ava kuri icyo kidashobora kubonwa aragarazwa byuzuye, Ijambo ryambaye umubiri. Mugire kwizera.

63 Noneho, ntimwongere kugendagenda. Mutuze nyakuri, mwubahe. Muraza kongera kugenda mukanya; ahubwo mutuze nyakuri, Mwubahe.

Noneho, ni, ni ibiki? Ni Impano. Impano ntabwo ari ikintu ufata, nk'inkota, maze ngo ugende ushinga kandi utemagura kandi ukurura. Ntabwo ari icyo. Impano iragufata wowe ikagukura mu nzira nuko Umwuka Wera agashobora gukora mu mubiri w'umuntu. Ntugerageze kuvuga uti, "Icyubahiro kibe icy'Imana, mfite impano. Mfite impano, Halleluya." Ntabwo uzigere uyibona. Niba uzi uburyo bwo kwirekura ubwawe ukagenda...

Ninka vitensi, ninko gushyiramo vitensi. Murabona? Uhindure ubwawe winjire mu kwizera uve mu kutizera, use n'usubiza iyo vitensi inyuma aho, uvuge uti, "Rero, igihe cyose nagiye mba nshidikanya, ariko nyakuri, ubu, njye… ndizeye ubu." Noneho, witegereze ikiribube ubwo. Bikore noneho inshuro imwe maze urebe ikiribube. Senga gusa.

64 Kandi ndimo kugerageza ubwanjye kuva mu butumwa ninjira mu mpano, impano… kugira ngo Ijambo rishobore ribashe kumenyeka binyuze… nkuko Abaheburayo 4:12 haravuga hati, *"Urondora, akamenya*

*ibitekerezo biri mu mutima."*

Musengere ikintu cyose kitagenda kuri mwe. Musenge, kandi muvuge gusa muti, "Mana, njye… mfite icyifuzo. Umuntu ntabwo anzi, mfite icyifuzo. Umuntu ntabwo anzi, ariko mfite icyifuzo." njye…

Mu Izina rya Yesu Kristo, Umwana w'Imana, kubw'ubwiza bw'Imana, kandi bikurikije Ijambo ry'Imana iryo maze kubwiriza, mfashe buri mwuka uri hano munsi y'ubugenzuzi bwanjye.

Noneho, icyaba icyo aricyo cyose… Hashobora kuba ikintu mu munota umwe. Hari abahakana bicaye hano, kandi ndatekereza ko hari ikintu kigiye kubaho. Murabona? Noneho mwubahe nyakuri. Niba hari ikintu kibabuza amahoro, mwicare mutuje. Mwicare mutuje nyakuri; reka uwo muntu akore icyo agiye gukora. Mwitegereze ikiri kuba. Reka abo bantu bigire imbere maze barebe ikiri kuba. Muribubone niba koko ari Imana cyangwa Atariyo. Mugomba kuyibona iri mu rugamba. Mwarayibonye irimo gukiza indwara; muyitegereze mu rugamba. Satani arimo kugerageza icyo ashoboye cyose ngo agikore. Noneho, reka agikore umwanya muto, murabona ikiri kuba.

65 Hari undi muntu wicaye ahagana hano ubabaye, wicaye hano hasi, umugabo n'umugore we. Arimo gusenga. Arimo kumusengera. Ni ikibazo cy'imitsi, imitsi yo mu maso. Ni umugore ubyibutse. Umugabo we yambaye ishati y'umweru. Amurambitseho ibiganza bye. Uko ni ukuri. Uko ni ukuri. Zamura ikiganza cyawe, niba ibyo ari ukuri, niba icyo ari cyo nyakuri urimo gusengera. Ntugire ubwoba; birahagarara. Ni isezerano, niba ushobora kuryizera. Kora ku ikanzu Ye.

Hari umugore wicaye ahagana hari inyuma; arwaye indwara z'abagore. Ndibwira we… O Mana, Mrs Reed, urabizi ko ntakuzi. Ariko ibyo ni ukuri, ese sibyo? Warimo usenga uti, "Mwami, ngirira imbabazi." Yabikoze. Bigiye kukuvaho ubu. Wizere n'umutima wawe wose. Ntushidikanye. Ugire kwizera.

66 Hano, hano hari umugore wicaye ahagana hariya inyuma, afite akagofero gato kijimye. Arimo arasengera… Ni uburwayi. Afite uburwayi. Ese ntabwo murimo kubona uwo Mucyo uhagaze hejuru ye hariya? Murabona? Yubitse umutwe we hasi. Afite ikibazo mu mavi ye. Yakomeretse ku mavi. Yaraguye maze bikomeretsa amavi ye. Murabona? Ntabwo muzi; Imana ibyo irabizi. Ariko uko ni ukuri, ese sibyo, mugore?

Hano, rambika ikiganza cyawe kuri uriya mugore wundi ukurikiyeho; ngwino neza neza kuri we. Arembejwe n'imimerere yo kugubwa nabi… Afite uburwayi bw'amaso. Kandi amaso barayabaze, aricyo cyabiteye. Uko ni ukuri, ese sibyo? Zamura ikiganza cyawe. Niba ushobora kwizera...

Uyu mugore wundi mushyireho ikiganza aho nyine aho iruhande rwe, ni nkaho anezerewe. Ariko impamvu ye, niba ubishaka… Ese urizeye ko Imana yashobora kumbwira ikibazo cyawe icyo ari cyo? Ni utugombabari. Niba ibyo ari ukuri, nyeganyeza ikiganza cyawe nka gutya. Niko biri.

Ni iki Yavuze Azakora? "Ari uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka." Ese ibyo murabyizeye? Yego.

67 Hano hari umuntu wicaye imbere yanjye. Arwaye indwara yo mu magufa [arthritis]. Ni We nyakuri… Ntabwo nziko ari bubashe kubyakira cyangwa atari bubyakire. Ni umuntu uri nko mumyaka yanjye. Arembejwe na arthritis. Ntabwo aturuka inaha. Aturuka Kansas city. Ese urizeye ko Imana iribugukize? Ese wizeye ko Imana yambwira izina ryawe iryo ariryo? Mr. Francis. Wizere n'umutima wawe wose. Yarimo agerageza kubigusahura, mugabo. Kandi we... we... muratekereza ko navugaga undi muntu, ariko yari wowe. Kandi igihe navuze ibyo, kwiyumva uburyo butangaje kuje kuri wowe, ibintu byiza kandi bishyushye. Niba ariko biri, zunguza ikiganza nka gutya.

N'umugore wawe yicaye aho, ni Mrs Francis. Nawe arwaye arthritis. Kandi afite ikibazo cy'amaso, ndetse n'ikibazo mu matwi ye. Ese uko ni kuri? Uko niko biri.

68 Umugore wicaranye na we, aho neza hakurikiranye nawe, arwaye kubyimba imitsi minini no kuribwa [varicose veins]. Niko biri. Afite ikintu kitagenda mu imbere, ikintu runaka… arwaye urura rw'inkari. Afite ikibazo cy'urura rw'inkari. Na we yaturutse kansas City; Miss Gregg. Uko ni ukuri.

Niba ndi umushyitsi byuzuye kuri mwe bantu, muzamure ibiganza byanyu nka kuriya, uko niko, ndavuga kuri abantu bamaze guhamagarwa, muzamure ibiganza byanyu, mwebwe bantu mumaze guhamagarwa, niba ndi umushyitsi kuri mwe.

Ni ibiki? Iyo Mana imwe Yamanutse mu mubiri w'umuntu, maze ikarya inyama kandi ikanywa amata. Maze Yesu aravuga… Kandi Abraham yaravuze ko Yari Elohim, Imana igaragaye mu mubiri. Yesu yaravuze ati, "Nkuko byari bimeze muri iyo minsi, ko Yehova, Umwana w'umuntu nanone, mu ishusho y'umuhanuzi, nkuko Yahoze, azongera kugaruka mu minsi yanyuma," mbere y'uko imibiri yanyu izaba yarahinduwe. Twe... ntidushobora... Kubona, Sara ntiyashobora kwakira uriya mwana muri uriya mubiri, ese yabishobora? Abraham ntiyari kubishobora mu mubiri we. Umubiri We wagombaga guhindurwa; uko niko uwacu ugomba kuba mu kwakira uwo Mwana. Mufate Ijambo, kandi We ni Umwana. Ni Ijambo. Ese murabyizeye?

Noneho, mwubike imitwe yanyu akanya gato.

69 Muburyo bwuzuye, hamwe n'umutima wanyu wose, Imana irahamirijwe mu gutanga aya masezerano? Ese murizeye ko Ijambo Rye ari Ukuri? Ese mwizeye ko aba bahamya ari abahamya b'ibibinyoma, ko badafite kwizera ko kubasha kuba babyizera kuva na mbere? Muri inama y'abanyarukiko n'abacamanza. Buri nama y'abanyarukiko igomba gufata icyemezo ku bintu, umucamanza agomba kugira umwanzuro w'urukiko atambutsa. Ese mwafashe icyemezo ko Ijambo ry'Imana ryo muri Mariko 16 ari Ukuri? Niba mwagifashe, muzamure ikiganza cyanyu. Nabazaniye abatangabuhamya imbere, abo baje mu buryo bumwe n'ubu muminsi yanyuma, kandi bahamya ko Ijambo ry'Imana ari ukuri. Kandi Ijambo ry'Imana ryasezeranijwe muri iyi minsi yanyuma. kandi ndi hano, namwe muri hano, imbere yanyu, kugira ngo mbahamirize ibisigaye, buri wese muri mwe. Buri wese muri mwe ashobora guhamagarwa, umwe kuri umwe, nka gutyo, niba mubyizeye. Mubaze aba bantu, muvugane nabo, abo Umwuka Wera yahamagaye.

70 “Ni iki urimo gukora ubu, Mwene Data Branham?” Ndimo kugerageza kujya kure yabyo. Birimo kuba ahantu hose muri iyi nyubako; murabibona ko birimo kurabya.

Murabona, hamwe n'ibyo, ndimo ndagerageza gutuma mubyizera. Mugire kwizera mu Mana. Mubyizere. Arahamirijwe mu kwandika ibi. Yabihamirije kandi atanga n'ibihamya ko ari Ukuri. Yarabihanuye mu myaka mirongwitatu ishize kandi Arabihamirije uyu munsi. Yabivuze mu myaka ibihumbi bibiri ishize none abihamirije uyu munsi. Ijambo Rye ni Ukuri. Kandi buri Jambo ry'Imana rirahumekewe, kandi ibyaryo byose ni Ukuri. Ndetse Mariko 16 yaravuze ati, “Bazarambika ibiganza ku barwayi kandi bazakira.”

Inama y'abanyarukiko, ni uwuhe mwanzuro mufashe muri uru rukiko uyu mugoroba? Ese Yesu Kristo Ari uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka? Muzamure ibiganza byanyu. Ese murahamirijwe byuzuye ko Mariko 16 ari Ukuri, Ijambo rya Yesu Kristo ati, “Nibarambika ibiganza byabo ku barwayi, bazakira”?, Muzamure ibiganza byanyu.

Noneho, Satani, uragomba kugenda. Mugabo Mutizera, nta mwanya ugifite hagati muri twe ukundi. Mugabo Mushidikanyi, cyangwa Mugabo Mutihangana, ntabwo nitaye ku gihe byamara uko kingana, bizasohora.

71 Ese uranyita umwizera? Zamura ikiganza cyawe niba wizeye. Ndi umwizera. Ngiye kugusengera, nkurambikeho ibiganza. Ese wizeye ko abapasteri banyu hano ari abizera? Muzamure ibiganza byanyu. Ni ababwiriza bangahe bizeye bahari aho? Muzamure ibiganza byanyu.

Ngiye gusaba ababwiriza bizeye kuza hano umunota umwe. Ese ibyo nibyo, pasteri? Biratunganye. Ndashaka buri mubwiriza muri iyi nyubako w'umwizera, kuza hano, kugira ngo ahagararane nanjye umunota umwe. Ndashaka abizera b'umwimerere noneho. Mwibuke, ntabwo dushaka abigira abizera. Turashaka abizera b'umwimerere. Ngwino hano maze uhagarare ku gicaniro. Tugiye kureba ikintu kigiye kuba ubu. “Nizeye ko mwambwiye

72 Noneho, mwibuke, mutuze akanya gato, mu gihe aba barimo kuza. Ndashaka kubabwira ikintu. Noneho, iki… ni iki kiribube? Ibikorwa byanyu, biturutse ku buryo mwifashe… Umuntu runaka yacengeye, ibyo… Nta kibazo. Uko mwifashe biraba ari cyo cyemezo cy'urukiko cyanyu. Ni bangahe bizeye ibyo, muzamure ibiganza byanyu.

Noneho, buri muntu wese ufite… uwo ufite… ikarita yo gusengerwa, ahagarare hariya ku ruhande rw'iburyo hano, aze kuri uru ruhande. Mwebwe, buri wese muri mwe muri mu nzira, muhagarare ku ruhande rujya iburyo rw'iyo nzira, mu ruhande rw'iburyo rw'iyo nzira.

Noneho, abandi bari hariya ahagana ahahera, baraza gusohokera muri iyi nzira. Niko biri.

Mwese abari kuri uru ruhande, hamwe n'amakarita yo gusengerwa, muhagarare muri iyi nzira; nka gutya, ku ruhande rw'iburyo. Ibyo ni ku ruhande rw'ibumoso. Mu mbabarire. Uru ruhande rugana hano ruraba ari rwo ruhande rwanyu rw'iburyo. Aho ni ku ruhande rw'ibumoso. Noneho, muzenguruke gutya, mukore umurongo wanyu.

Noneho, mwebwe babwiriza mwese muze hano maze mukore imirongo ibiri, mugana muri iyi nzira, imirongo ibiri muri ubu buryo; muzengurutse hano n'ahagana hano, buri wese muri mwe.

73 Noneho, nibangahe muri mwe bizeye? Muzamure ibiganza byanyu, ati, “Noneho, nanone ndashaka kwereka Imana ko nizera bidasubirwaho ko Mariko 16 ari Ukuri,” Muzamure ibiganza byanyu. “ibyo ndabyemeye”

Ni bangahe bahari batari bujye mu murongo w'amasengesho, baza kuba barimo gusengera aba bari mu murongo w'amasengesho, kandi itsinda ryacu ryose uko ryakabaye baraba barimo gusenga nk'abizera? Muzamure ibiganza byanyu.

Noneho, reka dusenge.

74 Mwami Yesu, Uri Imana. Uri "NdIHO" ukomeye, ntabwo uri "Nahozeho" cyangwa "Nzabaho." Uri "NDIHO," mu ndagihe. Nta mbaraga zishobora guhagarara mu nzira Yawe. Uri Imana, kandi nta wundi umeze nka we. Utuma Amagambo yawe ahamirizwa. Wabiduhamirije, binyuze mu buhamya uyu mugoroba muri uru rubanza; aba bagize inama y'abanyarukiko, kandi no muri uru rukiko, n'abacamanza abo baribo.

Duciye urubanza rutabeye. Twafashe icyo umwanzi yavuze. Twafashe icyo umushinjacyaha yavuze. Twafashe icyo ubuhamya bwavuze. Tubihuza n'ubuhamya bw'abatangabuhamya bashinjura, kandi byagaragaye ko Imana Itsindishirijwe mu Kuvuga ibintu, kubera Ibisohoza ku bizera, binyuze mu buhamya bwinshi buruta ubwo umutizera yashobora gutanga. Noneho, tuziko ibyo ari ukuri. Ibyo biterwa gusa n'iyo abantu babifashe ko Biri ukuri, Ijambo ry'Imana kuba ari Ukuri.

75 Biduhe, Mwami, kugira ngo buri wese unyura muri uyu murongo hano… Data, aba bantu bahagaze hano. Nyuma y'uko ngiye ahantu runaka, umuntu abashe kuvuga ngo Mwene Data Branham yandambitseho ibiganza, ariko ndashaka ko abantu bamenya ko aba bapasteri bafite uburenganzira buhagije bwo kurambika ibiganza ku barwayi nkuko undi umuntu wese yabikora. Ntabwo ari ngombwa ko bategereza kugeza ibihe bidasanzwe umubwirizabutumwa azazamo, ariko ba pasteri babo bwite bafite uburenganzira bwo kubarambikaho ibiganza. Mana, biduhe kugira ngo buri muntu uri bunyure muri uyu murongo w'ibiganza hano uyu munsi, uwo wahamagawe kandi agasigwa amavuta n'Imana, kugira arambike ibiganza ku barwayi...

Tuziko tudafite ibiganza byera, ariko ntabwo twireba ubwacu. Tureba Igitambo cyacu, Yesu Kristo, Uri uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka, Uwo urimo kuvira imbere y'intebe y'ubwami bw'Imana noneho ukatweza kugira ngo dukore umurimo We. Biduhe, Mwami, kugira ngo buri mugabo, umugore, umuhungu, cyangwa umukobwa, uwo unyuramo hano, akava hano kuri iki gicaniro, yishimye, kimwe n'uko yari kuba ameze neza kandi aguwe neza nta kibazo. Biduhe. Reka iki cyemezo cy'inama y'urukiko, icyo bahamya ko ariko kiri, Yatsindishirijwe, kandi noneho reka urubanza bakoze rube ariko kwifata kwabo kuva ubu. Dufashe, Mana, mu Izina rya Yesu Kristo. Amena.

76 Mwene Data Roy Borders cyangwa undi muyobozi w'indirimo, niba ushobora kuza hano akanya gato maze ukayobora indirimbo. Noneho, hamwe n'amaso yacu ahumirije.

Noneho, muhite mujya mu murongo, uko umwanya wawe ugeraho. Muze ahagana hano. Twasenze, buri wese muri aba bantu. Kubera iki nabashyize hano hejuru, ni ibi. Noneho, mwe muri ahagana hano muramanuka muri ubu buryo maze mujye muri uyu murongo gutya, hamwe n'aba hano, nkuko barimo kumanuka. Murabona? Ni ukuri. Noneho, mutegereze kugeza... Mutegereze kugeza ubwo bari bugende. Mutegereze kugeza ubwo uyu murongo urangira; hanyuma wowe, mugore. Ahagana hano, mushiki wacu, utegereze hariya. Murabona, utegereze hariya. Murabona? Abashinzwe gahunda, bamwe muri mwe babafashe hariya. Murabona? Murabona, mugomba kureka uyu murogo ukabanza ugasohoka, uyu murongo usohoke, maze uyu murongo ubakurikire (Murabona?) munyuramo.

Noneho, niba wajemo hano ukekeranya, urimo ukeka, wivire mu murongo; bishobora kukubera bibi kurushaho. Ariko nuramuka uje hano, wizeye, nta kintu na kimwe gishobora kubikuvanaho. Ni bangahe bazi ibyo bari hano, uyu ni umwanya wo kubikemura? Wowe uri mu murongo, uvuge uti, "Niko biri. Ndabyizeye. Ntakongera kwivovota. Birarangiye aka kanya. Nemeye Ijambo ry'Imana." Niba ataribyo, ntiwiririrwe uza mu murongo ubu. Wizere n'umutima wawe wose maze uze.

77 Imana Irihamiriza Ubwayo binyuze mu Ijambo, kandi ubuhamya n'urubanza biri hano aka kanya, "Ari Uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka." Nta kintu gisigaye uretse kurambika ibiganza ku barwayi, kandi barakira. Hano hari ba pasteri wanyu. Murabizi ko ari abizera. Ni abashumba banyu.

Noneho ntabwo nshaka ko mundeba, Oral Roberts cyangwa undi muntu wundi, nkaho ari we muntu wenyine wasigiwe gukora ibi. Buri mukozi w'Imana yasigiwe gukora ibyo. Buri mwizera, yaba ari umubwiriza, cyangwa atari we, yasigiwe gukora ibyo. Buri muntu wizera ko afite uburenganzira bwo kurambika ibiganza ku barwayi, kandi bagakira.

78 Ntabwo mvuze pasteri wawe cyangwa undi muntu azaba… azagira impano y'uburondozi. Ntabwo bafite gukora ibyo; uwo ntabwo ari umuhamagaro wabo. Ntabwo ari umuhamagaro wabo, gukora ibyo. Uwo agomba kuba ari umwe mu gisekuru.

Ariko tubona ko, ko mwitwa abizera. "Ibi bimenyetso bizagendana nabo," nta muntu ntunga agatoki, "Abo bizeye." Mubyizere n'umutima wanyu wose ubu.

Mwene Data Roy, yobora indirimbo, Izera Gusa. Buri muntu ari mu masengesho. Ababwiriza, nkuko barimo gutambuka, mubarambikeho ibiganza. Kandi abizera n'inshuti, igihe muranyura hano, ntimugire gushidikanya mu bitekerezo byanyu; munyure aho mu murongo, musohokane hano, muvuge muti, "Byakemutse"

79 Noneho, mwibuke, mwari abagize inama y'abanyarukiko muri uru rubanza. Mwazamuye ibiganza byanyu ko mwatoye umwanzuro. Buri muntu wese ubisobanukiwe, avuge ati, "Amen" [Iteraniro rivuga

riti, "Amena."—Ed.] Mufite umwanzuro wanyu. Noneho, icyo muribukore nyuma y'aha kiraza kwemeza niba mwavuze ukuri cyangwa atariko. Mwe... urubanza rwanyu ruzashingirwa kubyo muri bukore nyuma y'aha. Niko bizaba. Muraba muri umucamanza n'inama y'abanyarukiko. Niba nyakuri ubyizeye, bigomba gusohora. Niba uri uwigira uwizera, ntabwo bizasohora.

Kubera ko bihamirijwe n'Ijambo, binyuze mu Kugaragara kw'Imana, binyuze kuri buri kintu gihari. Ese hari ikintu gisigaye cyo gukorwa? Naramuka aje ahagana hano, uyu mugoroba, ese Yashobora kubakiza indwara? Oya, oya. Yamaze kubikora. Murabona? We ni byose... Aho nta kintu gisigaye cyo gukorwa ubu. Arahamirijwe Ubwe hano kubw'Ijambo, ahamirijwe kuri buri kintu. Ikintu cyonyine ufite gukora... Ni ugufata icyemezo; wumvise urubanza; watoye umwanzuro; noneho ngwino maze werekane urubanza rwawe. Amena. Imana iguhe umugisha.

80 …izere gusa,

Ibintu byose birashoboka, izere gusa;

Izere gusa, izere gusa,

Ibintu byose birashoboka, izere gusa;

Noneho, ese ushobora kuririmba muri ubu buryo,

Noneho, ndizeye, Aka kanya ndabyizeye

Muzamure ibiganza byanyu, vuga uti, "Nyakuri ndizeye."

"Ibi bimenyetso bizagendana n'abizeye."

Ibintu byose birashoboka, noneho ndizeye;

Oh, noneho ndizeye, noneho ndizeye,

Ibintu byose birashoboka, noneho ndizeye;

81 Igihe kimwe cyashize, nko mu myaka cumi n'itanu ishize, nibuka ijoro rimwe nahamagawe ku bitaro ku muhungu wari ugiye gupfa yishwe n'intwara itera umuriro no guhumeka nabi ntushobore kumira. Umutima wari umeze nabi kuri we. Kandi se yahoraga aza mu materaniro... kugira ngo nze gusengera uwo muhungu. Kandi uwo muhungu yari afite nk'imyaka cumi n'itanu, imyaka cumi n'itandatu. Kandi nari mpuze cyane, kuburyo ntashoboraga kujyayo. Iyo ugiye kuri umwe, hanyuma hahita haza undi, murabizi. Uko niko se yakomezaga gutegereza, arategereza kugeza igihe. Amaherezo, ijoro rimwe nyuma y'amateraniro, nagiye kwa muganga. Rero, umuganga arambwira ngo nsinshobora kwinjiramo. Aravuga ati, "Kubera ko uwo muhungu afite diphtheria kuri we, kandi ukaba uri umuntu washatse noneho ukaba udashobora kwinjiramo maze ngo utware iyo microbe ."

82 Nuko, ndamusaba nti, "Nyemerera ninjiremo." Uwo muntu yari Umugaturika. Maze ndavuga, ndavuga nti, "Ese uri Umukristo?"

Aravuga ati, "Ndi umugaturika."

Ndavuga nti, "Umupadiri aramutse ahagaze hano kandi akagerageza kuzana… akaba azaniye amasakaramento yanyuma y'itorero uyu muhungu, ese mwabyemera?"

Aravuga ati, "Ibyo biranyuranye. Uwo ni umupadiri. Wowe uri umuntu washatse."

Ndavuga nti, "Ndamutse nanditse urupapuro, ko nzabyirengera?"

Aravuga ati, "Sinshobora kubikora, mugabo."

Maze ndavuga nti, "Ndakwinginze." mubwira ibi nti, "kuri aba bantu ndi icyo padiri ashobora kuba aricyo kuri wowe."

Amaherezo, anyambika ibimeze nka Ku Klux Klan [Itsinda rikora rwihishwa ritekeza ko abazungu baruta abandi bantu], n'ibyo bintu by'umweru, maze aranyinjiza, maze nsanga uwo muhungu. Yari yataye ubwenge mu minsi ibiri cyangwa itatu ishize. Umutima warimo utera bigoye. Nibagiwe uko yahumekaga; gato cyane, byari bigoye ko ava amaraso, urimo gutera. Kandi uwo musaza n'umukecuri bari bahagaze aho.

83 Maze mfukama aho hasi, kandi mu isengesho rito, murambikaho ibiganza; ndavuga nti, "Mwami Yesu..." Nkoresheje ibi Byanditswe. "Waravuze uti, 'Ibi bimenyetso bizagendana n'abizera.' Hano hari se na nyina; ntabwo bari kunyirukaho ndetse ngo bantegereze ko ndambika ibiganza kuri uriya muhungu iyo baba batabyizeye. Kandi, Mwami, ntabwo naribushobore kuza hano kubakiniraho. Nizera ko icyo navuze kandi nigishije ari Ukuri." Maze ndavuga nti, "Mpaye umugisha uyu mwana muto, mu Izina rya Yesu Kristo,

reka abeho."

84 Kandi igihe nahagurutse, uwo musaza n'umukecuru batangira guhoberana, maze ndavuga nti, "Ese ntibitangaje, mubyeyi? Ese ntibitangaje?" Uwo muhungu nta kintu na gito yari yahindutseho; yari aryamye aho gusa. Maze njye… Ndabareba.

Kandi uwo muforomo muto yari ahagaze aho, yari umuforomo w'umuspecialiste, warangije kaminuza, kandi yari aho arinze uwo muhungu. Maze abwira uwo mubyeyi; aravuga ati, "Ni gute wakora nka gutyo kandi uziko umuhungu wawe agiye gupfa?"

Kandi uwo musaza, nkuko yagaragaraga, oh, ndakeka, yari afite nk'imyaka mirongwitanu n'umunani, imyaka mirongwitandatu, amushyira ibiganza ku bitugu, nka se umuruta. Aravuga ati, "Mwana," ati, "Uyu muhungu ntabwo agiye gupfa," niko yavuze.

"Mugabo," aramusubiza, ntabwo nzi ibyo ibi aribyo, hari ibintu bya cardiogram cyangwa ikindi kintu, ati, "Uyu… uku guhumeka kwe kwagiye hasi cyane, kandi hamwe n'iyi ndwara, ntaho tuzi mu mateka, uwaba yarigeze agera muri iyi mimerere, hanyuma akongera kuyirenga akagaruka."

85 Maze uwo musaza akuba mu maso ye, maze aramwitegereza. Ntabwo njya nibagirwa ibi. Aravuga ati, "Mukundwa, urimo kureba kuri iriya mbonehamwe. Ibyo nibyo wigishijwe kureba. Njye ndimo kureba ku isezerano iryo Imana yatanze. 'Bazarambika ibiganza ku barwayi, bakire.'" Uwo muhungu yarashatse kandi agize abana batatu, ni umubwiriza muri Afurika. Biterwa n'icyo urimo kurebaho.

Noneho, hashobora kuba hari bamwe hano, baje hano, bakaba batabonye amakarita yo gusengerwa. Nabajije umuhungu wanjye aho hasi. Aravuga ati, "Nta gushidikanya ko hari benshi aho, papa, abo batabonye ikarita yo gusengerwa."

Ni abizera bangahe bari hano noneho? Muzamure ibiganza byanyu. Ese mwashobora gukora ibyo mu gihe turimo kuririmba, "Noneho, ndizeye". Noneho, Imana ni nziza kuri mwe. Ese sibyo, nk'umwizera… Ntacyo bihinduye uwo ikiganza cyaba nyirawe wese, igihe cyose yaba ari umwizera. Murabona? Ese mwarambika ibiganza kuri umwe ku wundi, kandi tugiye kuririmba iyi ndirimbo hamwe.

"Noneho ndizeye," kugeza twongeye kubonana.

Imana ibahe umugisha.

Noneho ndize..............

(Uko ni ukuri, rambika ikiganza ku muntu uri hafi yawe.)

..................noneho ndizeye,

Ibintu byose (Icyaba kitagenda cyose, ibintu byose birashoboka.) birashoboka… (Mu izina rya Yesu, Umwami.)

Noneho ndizeye, oh, noneho…

("Ubu, ntabwo ndimo gukina. Oya, ibi, ndizeye.")

Ibintu byose bishobokera uwizeye, oh, ubu ndizeye.

86 Noneho, ababyizeye bose, muzamure ibiganza byanyu nka gutya, "Ubu ndizeye." Imana ibahe umugisha.

Kugeza igihe tuzahurira… tuzahurira!

Kugeza igihe tuzahurira ku birenge bya Yesu;

Kugeza igihe tuzahurira!

Kugeza igihe tuzahurira;

Kugeza igihe tuzahurira!

Imana ibe hamwe n'amwe kugeza igihe tuzahurira!

Noneho, hamwe n'imitwe yacu yubitse.

Reka Imana ibe hamwe na mwe, nyakuri, irwanye imiraba iteye ubwoba y'urupfu imbere yanyu, ibavane mu ntsinzi ibajyana mu yindi. Umunsi umwe, reka imibiri yacu ihindurwe, igirwe nk'imbiri y'ubwiza bwe, aho tutazongera gusengera abarwayi ukundi. Kugeza ubwo, reka Imana ibe hamwe na mwe. Kugeza igihe tuzahurira. [

.........… Kugeza ighe tuzahurira!

Imana ibe hamwe na mwe kugeza igihe tuzahurira indi nshuro!

Noneho, reka twubike imitwe yacu kubw'isengesho ryo gusoza. Ni nde ugiye gusenga? [Umuntu umwe aravuga ati, "Mwene Data Gibson."—Ed.] Mwene Data Gibson noneho mu gihe twubitse imitwe yacu.

MESSAGE hub online

www.messagehub.info

Ibibwiriza bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7